

IMANA IKOMEYE

IHISHUYE IMBERE YACU

 Mfite Ibyanditswe bike nanditse, nifuzaga kubaganirizaho, kandi nizera ko Imana iza guha umugisha imbaraga zacu nkeya.

² Noneho, abantu benshi bibajije impamvu twabaye abadasanzwe kandi dusakuza. Murabizi, ubu ni ubwoko butandukanye bwa—bw’amateraniro aruta uko abantu bari—bari bamenyereye kubona. Kandi, mu bisanzwe, ibintu byose bimeze neza kandi birasobanutse. Ariko iyo tugeze muri aya masezerano, ari yo yabaye amahirwe yanjye mu myaka itari mike kuva yatangira, kandi ntituba tuzi neza icyo tugiye gukora. Turaza gusa tukitanga. Ni cyo kintu cyonyine tuzi gukora. Maze Imana igakora ibisigaye. Ibyo rero bituma tuba abantu badasanzwe, bari ku murimo.

³ Ejobundi, umuntu yaravuze ati: “Murabizi, mwebwe muri abantu mu by’ukuri badasanzwe.”

Nanjye ndavuga nti: “Ni byo, Njye—Njye ndakeka ko ari ko turi.”

⁴ Kandi ndibuka rimwe muri ayo materaniro. Mwene Data Troy rimwe yambwiraga iby’Umudage muto wavuze ko yakiriye umubatizo w’Umwuka Wera. Bukeye, ari mu iduka yakoreragamo, yarambuye ibiganza ahimbaza Umwami, nuko avuga mu ndimi maze arakomeza gusa, biteye ubwoba. Hanyuma, sebuja araza aramubaza ati: “Heini, bikugendekeye bite?”

⁵ Aramusubiza ati: “Yoo, narakijijwe.” Aravuga ati: “Umutima wanjye wuzuye umunezero.”

⁶ Aravuga ati: “Ni byiza, ugomba kuba waramanukanye n’ako gatsiko k’abataye umutwe bo hepfo aho.”

⁷ Yaravuze ati: “Yego. Imana ihabwe icyubahiro!” Ati: “Imana ishimwe kubw’abo bataye umutwe.” Aravuga—aravuga ati: “Ufate imodoka, umanuke mu muhanda.” Aravuga ati: “Ufate abo bataye umutwe bose, nta kindi wabona usibye agatsiko k’imbaramumaro.” Kandi ibyo ni ukuri. . . Bijya gusa n’ukuri, murabizi.

⁸ Umunsi umwe, muri Kaliforuniya, nagiye mu mihanda ya Los Angeles, mbona umugabo ufite ikimenyetso ku mabere, na *hano*. Nuko aravuga ati: “Ndi umusazi wa Kristo.” Abantu bose baramureba. Nitegereje uko bahindukira bamureba, nyuma aratambuka. Nuko ntekereza ko nagombaga gukurikira hamwe

n'abandi basigaye. Nuko mu...mu guhindukira kwe, aravuga ati: "Uri umusazi wa nde?" Yego. Ndayeka ko twese turi ubwoko budasanzwe, umwe ku wundi, murabizi.

⁹ Ariko, murabizi, isi igeze mu murongo nk'uyu, kugeza ikindi kintu kidasanzwe kibayeho, kugeza igihe abantu batekereza ko ari byo, hari ibitagenda neza. Kandi mu bisanzwe Imana igomba gukora ikintu kidasanzwe, kugira ngo abantu basubire muri Bibiliya.

¹⁰ Nshobora kwiyumvisha ko Nowa yari ubwoko bw'u—uwataye umutwe, kugeza muri kiriya gihe cy'ubuhanga yabayemo, kuko bashoboraga kwerekana ko nta mazi yari mu kirere. Ariko Imana yavuze ko hari ishobora kuba iriyo. Noneho, Nowa, abwiriza kandi yizera ko, ahinduka uwataye umutwe.

¹¹ Kandi ndatekereza ko igihe Mose yamanukaga muri Egiputa, yari ameze nk'u—uwataye umutwe, kuri Farawo. Ariko mwibuke, Farawo yari yataye umutwe, kuri we. Nuko ba...Ni ko tubibona.

¹² Ndetse na Yesu yafatwaga nk'umuhakanyi. Ni byo. Maritini Luther yari yataye umutwe, kuri kiliziya Gatolika. Na John Wesley yari yataye umutwe, kuri Angilicani. Noneho, murabizi, ni—ni mu gihe cyo kugera ku wundi watayye umutwe. Ntimubitekereza mutyo? Ariko, mbere y'uko habaho uwataye umutwe, murabizi, hagomba kubaho icyuho, mbere ya byose, aribunyuremo.

¹³ Noneho, murabizi, Nowa, kuba uwataye umutwe, we... Afata uguta umutwe, bigaca icyuho, agakururira ikintu hamwe, hanyuma akabifatira hamwe byobi. Noneho, Nowa yashoboraga gukurura abo bese bashoboye kwizera, mu nkuge, hanze y'urubanza, yigize nk'uwataye umutwe.

¹⁴ Tumenye, ko, Mose yakuye itorero muri Egiputa, yigize nk'uwataye umutwe. Ni byo.

¹⁵ Ndatekereza ko ubu dukeneye uwataye umutwe, kugira ngo dukure Umugeni mu itorero. Dukeneye ikintu ubu, ikindi kintu, noneho turaba turi abantu badasanzwe. Kandi natekereje, iri joro, niba Umwami abishaka, ndagerageza gusoma Ibyanditswe bimwe na bimwe bijyanye nabyo, kandi ndashaka kubavugisha akanya gato, maze ngerageze kubereka impamvu turi abantu badasanzwe.

¹⁶ Reka ubu turambure mu Byanditswe, mu Bafilipi igice cya 2, 1-8, n'Abakorinto ba kabiri 3: 6. Reka dusome, nk'uko twemera Ijambo ry'Imana.

¹⁷ Noneho, mbere yo gusoma, mureke twunamishe imitwe yacu kubw'isengesho.

¹⁸ Nyirimpuhwe Data wo mw'Ijuru, muby'ukuri turi abantu bafite amahirwe, iri joro, kuba turi muri iki gisekuruza, no

kubona ibintu tubona bigenda, no kumenya ko igihe cyegereje, igihe Yesu azazira kubw'itorero rye. Yoo, ibyo biradushimisha mu mitima, Mwami! Mu gihe dusubiza inyuma impapuro, iri joro, turasenga ngo Uze kuduha ubusobanuro muri iyi nyandiko. Kandi Umwuka Wera ahishurire imitima yacu ibintu byaba byiza kandi bishimisha Imana. Kubera ko tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

¹⁹ Murabizi, nimwizere ndaza kubasaba gukora ikintu. Njye—njye ubisanzwe nsaba ibintu bidasanzwe, kandi nizere ko ntacyo nsaba kidasanzwe. Ariko iyo turahirira ku ibendera, twese turahaguruka. Kandi—kandi n'iyi ibendera rizamurwa, turahaguruka; ibyo, ni ngombwa. Kandi turahaguruka, kubwo kuryubaha. Reka duhaguruke gusa mu gihe dusoma Ijambo, niba mubishaka, Abakorinto ba kabiri 3: 6.

Niyo...yatubashishije kuba ababwiriza b'isezerano rishya; batari ab'inyuguti, ahubwo ari ab'umwuka: kuko inyuguti yicisha, ariko umwuka ahesha ubugingo.

Nuko rero—niba imitegekere y'urupfu yanditswe igaharaturwa ku mabuye yarahawe ubwiza n'icyubahiro, bigatuma abana ba Isiraheri badashobora kwihanganira gutumbira mu maso ha Mose kubwo kurabagirana ko mu maso he; kandi kwari uk'umwana muto gusa kugashira:

mbese imitegekere y'umwuka ntizarushaho kugira ubwiza n'icyubahiro?

Niba imitegekere yateraga gucirwaho iteka yarahawe ubwiza, nkanswe imitegekere itera gukiranuka.

Kuko ubwiza bwa yayindi ya mbere butagisa nkaho ari ubwiza, kuko bwamazweho n'ubwiza buhebuje bw'iyaje hanyuma.

Erega niba ibyakuweho byari byiza, gute...cyangwa byinshi cyane ibisigaye ni byiza.

Nuko ubwo dufite ibyo byiringiro, tuvuga dushize amanga cyane.

Ntitumeze nka Mose watwikiraga mu maso he kugira ngo abana ba Isiraheri batareba iherezo rya bwa bwiza uko bwanushiragaho:

Ariko imitima yabo yarahumye: ndetse kugeza na bugingo n'ubu, iyo isezerano rya kera risomwa cya gitwikirizo kiba kigitwikiriye imitima yabo; ntibamenye ko cyakuweho na Kristo.

Ahubwo kugeza na n'ubu ibya Mose iyo bisomwa iyo nyegamo ihora ku mitima yabo.

Nyamara iyo umuntu ahindukiriye Umwami iyo nyegemo ikurwaho. Ntabwo...

Nuko rero Umwami ni we Mwuka: kandi aho Umwuka w'Umwami ari ni ho haba umudendezo.

Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, buhinduka ku ishusho imwe kuva mu cyubahiro kugera ku cyubahiro, kimwe n'Umwuka w'Umwami.

- 20 Noneho mu Bafilipi 2, dusome ibi, duhere ku murongo wa 1, dusoma kugeza ku murongo wa 8.

Nuko niba—niba hariho gukomezwa kuri muri Christo, kandi niba hariho guhumurizwa kuzanwa n'urukundo, . . . niba hariho no gusangira Umwuka, niba hariho imbabazi n'impuhwe,

musohoreze umunezero wanjye guhuriza umutima mu rukundo, mwibwira kumwe muhujye imitima.

Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari; ahubwo mwicishe bugufi mu mitima umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta.

Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa ahubwo . . . azirikane n'abandi.

Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu:

Uwo n'ubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa:

Ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu:

Kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu: yicisha bugufi araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.

- 21 Mureke dusenge.

- 22 Data wa twese wo mu Ijuru, iri Jambo rikomeye ryasomwe, iri joro, rivuye mu Byanditswe Byawe Byera, kora by'ukuri ku mitima yacu, ku buryo tuza kuva hano tumeze nka babandi bavaga Emawusi, tuvuga tuti: “Mbese ntabwo imitima yacu yakaga umuriro muri twe ubwo yatuganirizaga mu nzira?” Ibyo tubisabye mw'izina rya Yesu. Amina.

Mushobora kwicara.

- 23 Noneho, iyi ni inyandiko idasanzwe, ariko ndatekerezaga ko ibereye uyu muni. Nashakaga kuvuga ku ngingo igira iti: *Imana Ikomeye Ihishuye Imbere Yacu.*

- 24 Noneho, kuva habaho umuntu, habayeho inzara mu mutima w'umuntu, kugira ngo amenye aho yaturutse, n'mpamvu yamuteye kuba hano, n'aho agana. Hariho Umwe gusa ushobora gusubiza ibyo, uwo ni we wamuzanye hano. Kandi umuntu yahoze iteka ashaka kubona Imana.

²⁵ Tugarutse mu Isezerano rya Kera, dusanga Imana yarihishuriye abatizera. Imana ifite uburyo budasanze bwo gukorana n'abantu. Yihisha Ubwayo abatizera maze ikigaragariza abizera. Imana irabikora. Yesu yashimiye Data, ko, Ibi yabihishe abanyabwenge n'abashishozi, kandi ibihishurira abana bato bakeneye kwiga. Rero, dusanga Imana itigera ihinduka, muri kamere Yayo, kandi Ihora ikora umurimo Wayo kimwe. Tubona ko, muri Malaki 3, ko Yavuze iti: "Ndi Imana, kandi ntabwo mpinduka." Rero, Ikorera mu mahame amwe, igihe cyose.

²⁶ Noneho dufate kimwe mu bitabo bya kera bya Bibiliya. Iyo Yobu, umwe mu bantu b'abakiranutsi bo mu gihe cye, umuntu utunganye mu mategeko y'Imana, umugaragu, umunyacyubahiro, umugaragu wubahwaga, kugeza igihe Imana yavuze iti: "Nta muntu uhwanyeye na we, ku isi." Ariko... icyifuzo cye, igihe kimwe, cyari ukubona Imana. Yari azi ko hariho Imana, yumvaga yifuza kuyibona, cyangwa, bitabaye ibyo, aya ku nzu Yayo akomanga ku rugi, hanyuma aravugaga ati: "Ndashaka kuvugana na We." Yicaye hasi, avugana na Yo, nk'uko natwe tunganira.

²⁷ Dufite imyumvire. Ni yo mpamvu turi muri aya materaniro, aho duhurira hamwe kandi—kandi tukagaragaza ibitekerezo byacu. Kandi—kandi turunvikana umwe ku wundi, ni byiza, iyo tunganirye ibintu hamwe. Abakozi b'Imana barabikora. Abantu b'ingeri zose barabikora, bakaganira ku bintu.

²⁸ Kandi, Yobu, Imana yari nzima kuri we, yashakaga kumenya niba adashobora kugenda, ngo akomange ku rugi Rwayo, kandi—kandi afitanye i—ikiganiro na Yo.

²⁹ Ariko dusanga ko Imana yavuganye na we, ariko yari yihishe. Yari yihishe iri mu buryo bwa serwakira. ibwira Yobu gukenyera; Yagiye kuvugana na we, nk'umuntu. Kandi yamanutse muri serwakira maze—maze ivugana na Yobu. Yimenyekanishije kuri Yobu ikoresheje serwakira, nyamara Yo ntivyigeze ayibona. Yumvaga gusa umuyaga uhuha ukazenguruka, uri mu biti. Kandi Ijwi ryavuye muri serwakira, ariko Imana yari yihishe muri serwakira.

³⁰ Turasanga, hepfo muri Afrika, Afrika y'Epfo, bakoresha ijamba *amoyah*, bisobanura, "imbaraga zitagaragara."

³¹ Kandi izi mbaraga zitagaragara, muri serwakira, zifite Ijwi ryumvikana. Yavuganye na Yobu, nyamara ntabwo yigeze abona imiterere Yayo. Ariko yari yihishe, kuri we, yari muri serwakira.

³² Twabonye umwe mu bahanuzi bakomeye ba Bibiliya, Mose, wo mu Isezerano rya Kera, umwe mu batoranijwe b'Imana, batoranijwe, abagaragu bateganijwe mbere, na we yifuzaga kuyibona. Yari yarabanye na Yo cyane, kandi yari yarabonye ibintu byinshi by'ukuboko Kwayo gukomeye kwamayobera bibera imbere ye no gukora ibintu Imana yonyine yashoboraga

gukora. Yifuzaga kuyibona umunsi umwe, Imana iramubwira iti: “Genda, uhagarare ku rutare.”

³³ Igihe Mose yari ahagaze ku rutare, Yayibonye Itambuka. Yabonye Umugongo Wayo. Maze aravuga ati: “Byasaga nk’umuntu, umugongo w’umuntu.” Nyamara, ntiyabonye Imana. Yabonye gusa igitwikirizo cy’Imana.

³⁴ Bibiliya iravuga iti: “Nta muntu wigeze abona Imana igihe icyo ari cyo cyose, ariko Umwana wenyine waturutse kwa Se yaramumenyekanishije.” Noneho, Mose yarayibonye, yitwikiriye, nk’Umuntu. Turabona ko Yehova wo mu Isezerano rya Kera yari Yesu neza wo mu Isezerano Rishya.

³⁵ Kandi—na Dr. Scofield hano, dusanga ko, ijambo rye, rihinduka kuva ku “imiterere.” Twasanze ijambo *en morphe*, mu kigereki, risobanura “ikitagaragara cyaragaragaye.” Ikintu kidashoboka... Turabizi ko gihari. Gishobora kuba ari... ntigishobora kuboneka, ariko nyamara tuzi ko gihari. Kandi iyo yahinduraga imiterere Yayo, *y’utagagagara*, ari byo bivuze ko yihinduraga iva mu ndengakamere ijya mu bisanzwe.

³⁶ Kandi ubwo yabaga ihinduye igitwikirizo Cyayo gusa, mu bundi buryo, ni nk’ikinamico. Yari iri mu mukino. Kandi mu kigereki, igihe bahinduraga igitwikirizo, ahari umukino umwe... umukinnyi umwe yashoboraga kuba yakinye mu bice byinshi bitandukanye.

³⁷ N’umukobwa wanjye, uri hano, mu mashuri yisumbuye bari bafite, i—ikinamico. N’umuhungu umwe nzi, yakinye hafi ibice bine, ariko yajya inyuma y’urusika agahindura u—umwambaro we, kugira ngo asohoke, agaragare nk’umuntu w’indi myitwarire.

³⁸ Noneho, niba muzafata ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera buvuga icyo Mesiya yagombaga kuba cyo, mushobora kubigereranya n’ubuzima bwa Yesu, kandi mwabonye neza Yesu uwo yari we. Ntiyari umuntu usanzwe gusa. Yari Imana, *en morphe*. Yahinduwe kuva—kuva mu ndengakamere ujya mu buryo busanzwe bwa Muntu. Nyamara, yari Imana, igaragara mu mubiri, itwikiriwe n’umubili w’umuntu, umubiri w’igitwikirizo.

Kandi murebe Isezerano rya Kera.

³⁹ Njye—njye—njye Nzi ko ndimo kuvugana n’abantu bavangava, iri joro, baturutse mu bice bitandukanye by’isi. Kandi turi hano kugira ngo tubimenye. Turi iki—dukora iki? Ni ki—turi iki? Turagana he? Bigenda bite? Ibi byose bivuze iki?

⁴⁰ Noneho dusanze, hano, ko, niba mwebwe abagabo n’abagore b’Abayahudi, hamwe na ba rabi muri—muri—mu rusengero, mu minsi yashize, niba bararebye muri Bibiliya, ubuhanuzi, aho gukurikiza imigenzo, bari kumenya Yesu uwo ari we. Ntabwo bari kuzigera bamwita Belizeburi. Ntabwo bari kuzigera

bamubamba. Ariko, byose byagombaga kubaho. Ibyo ni bimwe mu bice by'ikinamico. Kandi barahumishijwe, kuri iki kibazo.

⁴¹ Ni nk'aho benshi muri mwebwe bagabo, namwe bagore, muri hano kuri uyu mugoroba, mushobora kuba mufite imyaka yanjye cyangwa munduta. Muribuka, hano muri Amerika, imyaka yashize, mbere... Abashinwa... Mwene Data, wamenyekanye hano, byaje mu bitekerezo byanjye ubwo nari ndimo kuvugana na we. Ukuntu bari basanzwe... Ntibashoboraga kuvuga icyongereza, kandi bo—bakoraga akazi ko guhanagura imyenda. Kandi ujya mu ihanaguriro, kugira ngo uhanagurirwe. A—abagabo b'Abashinwa bashoboraga gufata ikirango, bakagitanyagura mu buryo runaka. Ufata igice kimwe cy'ikirango; undi agafata ikindi gice. Ariko iyo ugarutse gusaba imyenda yawe, utwo dutanyu tubiri tw'udupapuro tugomba guhura. Niba kandi tudahuye neza nk'uko bikwiye... Ntushobora kutwigana mu buryo ubwo ari bwo bwose, 'kubera ko uba ufite igice kimwe nawe afite ikindi. Niba kandi yarawiganye... Noneho uba ufite uburenganzira bwo gusaba ibyawe. Noneho uhabwa ibyawe, mu gihe ufite ikindi gice cy'amasezerano.

⁴² Ni ko bimeze, iri joro, ubwo twabonye ikindi gice cy'amasezerano. Igihe, Imana yatanyaguraga Umwana Wayo mo kabiri, i Karuvari, ikajyana umurambo nk'Igitambo, maze ikatwoherereza Umwuka, wigeze kuba mu Muntu, Yesu. Iyo Mana imwe iri mu gitwikirizo muri iri joro, mu buryo bw'Umwuka Wera. Ibyo bice byombi bigomba guhurira hamwe, noneho muri mu bice by'amasezerano. Imana yakozze ibi, kugira ngo irusheho kumenyekana ku muntu, igihe Yo Ubwayo yigiraga Umuntu.

⁴³ Nasomaga inkuru, hashize imyaka mike. Kandi muri iyi nkuru, havugwagamo umwami ukomeye, w'icyubahiro... Nibagiwe izina rye, ubu. Ntabwo natekerezaga ibyo kuvuga inkuru. Birashoboka, ni amakabyankuru, ariko bituganisha ku ngingo iduha amateka kubyo dushaka kuvuga. Uyu mwami, yari umwami w'icyubahiro, kandi yakundaga cyane abayoboke be, kugeza ubwo, umunsi umwe, imbere y'u—umuzamu we n'ubwami bwe, yaravuze ati: "Uyu munsi, murambona bwa nyuma, nyuma y'imyaka myinshi."

⁴⁴ Umurinzi we n'abatware be baramubwira bati: "Mwami mwiza, kuki uvuze utyo? Ugiye mu mahanga, ahantu runaka, kugira ngo ube umusuhuke?"

⁴⁵ Aravuga ati: "Oya. Ndaguma hano. Ni byo," ati: "Ndasohoka mu banjye. Ngiye kuba umuhinzi. Njyanye n'umwashi kwasa inkwi. Ngiye gu—guhingira ubutaka hamwe n'umuhinzi. Ngiye kwicira imizabibu hamwe n'abicira imizabibu. Ngiye kuba umwe muri bo, kugira ngo menye neza ibyo bakora. Ndashakunda. Kandi ndashaka kurushaho kumenyana nabo,

ku giti cyanjye. Ntibazamenya. Ariko, nyamara, ndashaka kumenyana nabo, muri ubwo buryo.”

⁴⁶ Bukeye bwaho, ubwo intumwa ze, abantu be bose bamubonye, cyangwa abari mu ngoro, baje kumwambura ikamba rye barirambika hasi ku ntebe, intebe y’ubwami; bamukuramo ikanzu ye, yambara imyenda y’akazi, bamusohokana hagati mu bantu basanzwe.

Noneho, muri iyo nkuru ngufiya, dusangamo ibyerekeye Imana.

⁴⁷ Babwira umwami, baravuga bati: “Mwami, turagushaka. Turagukunda. Twebwe tu—turashaka ko ukomeza kuba umwami.” Ariko yashakaga kuba umwe muri bo, akabamenya neza, ko nabo bazamumenya neza, mu by’ukuri bakamenya icyo ari cyo. Byari ukubereka icyo yari cyo rwose.

⁴⁸ Kandi ni byo Imana yakoze. Yo—Yarihinduye Ubwayo, iva kuba Yehova Imana, ihinduka umwe muri twe, kugira ngo Ibashe kubabara, Yagombaga gusogongera ku rupfu, Yagombaga kumenya icyo urupfu ari cyo, kandi yiha igihano cy’urupfu. Yashyizeho ku ruhande Ibyayo—Ikamba Ryayo n’umwambaro wayo, maze ihinduka umwe muri twe. Yogeje ibirenge hamwe na—hamwe na—aboroheje. Yatuye mu mahema, hamwe n’abakene. Yaryanye mu—mashyamba no mu mihanda, hamwe n’abatishoboye. Ihinduka umwe muri twe, kugira ngo Itwumve neza, kandi dushobore kuyumva neza natwe.

⁴⁹ Noneho, ngira ngo, aho ni ho dusanga, guhinduka, Yo Ubwayo, ni byo Yakoze. Niba mubibona, Yaje mw’izina ry’abahungu batatu. Yaje mu izina ry’Umwana w’umuntu, no mu ry’Umwana w’Imana, no mu ry’Umwana wa Dawidi. Yaje ari Umwana w’umuntu.

⁵⁰ Noneho, muri Ezekiyeli 2:3, Yehova, We ubwe, yise Ezekiyeli, umuhanuzi, “umwana w’umuntu.”

⁵¹ *Umwana w’umuntu* bisobanura “umuhanuzi.” Yagombaga kuza muri ubwo buryo, kugira ngo asohoze Gutegeka 18:15, Mose yaravuze ngo: “Uwiteka Imana yawe izahagurutsa umuhanuzi muri mwe umeze nkanjye.” Ntiyigeze yiyita Umwana w’Imana. Yiyerekejeho We ubwe, “Umwana w’umuntu,” kuko yagombaga kuza akurikije Ibyanditswe. Murareba? Yagombaga gukora ibyo bice bibiri by’impapuro zicagaguwe, ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera n’imiterere Ye Bwite, kugira ngo bise. Noneho, Araje, Umwana w’umuntu, aje muri ubwo buryo.

⁵² Noneho dusanga ko, nyuma y’urupfu rwe, guhambwa, no kuzuka kwe, yaje ku Muni wa Pentekote, nk’Umwana w’Imana; Imana, Umwuka Wera, mu buryo bw’Umwuka Wera. Yakoraga iki? Yari irimo kwihindura Yo ubwayo, yigaragaza Yo ubwayo ku bwoko Bwayo mu buryo butandukanye. Nk’Umwuka Wera, ari we Mana, Yaje gukorera mu bihe by’itorero, nk’Umwana w’Imana, Umwuka Wera.

53 Ariko, mu bwami bw'imyaka igihumbi, aza nk'Umwana wa Dawidi, kugira ngo yicare ku ntebe ya Dawidi, Umwami. Yagombaga gufata intebe ya Dawidi. Ubu ari ku ntebe ya Se. Hanyuma aravuga ati: "Uzanesha azicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanesheje nkicara ku ntebe ya Data." Noneho, We, mu kiruhuko cy'imyaka igihumbi, Azaba Umwana wa Dawidi. Ibi ni ibiki? Imana imwe, igihe cyose, ihindura gusa i—umwitwikiro Wayo.

Ndi, ku mugore wanjye, ndi umugabo.

54 Mwabonye? Umugore w'Umusirofeniyakazi ati: "Yewe Mwana wa Dawidi, ngirira impuhwe." We, ntiyigeze amubuza amahwemo, habe na gato. Ntabwo yari afite uburenganzira bwo kumuhamagara gutyo. Ntacyo yamusabaga nk'Umwana wa Dawidi. Yari...Ni Umwana wa Dawidi, ku Muyahudi. Noneho Araje...Ariko igihe yamuhamagaraga ati: "Mwami," Yari Umwami we, hanyuma ahabwa ibyo yamusabye.

Noneho, ni nk'uko, Arimo kwihindura We ubwe.

55 Noneho, mu rugo rwanjye, ndimo abantu batatu batandukanye. Mu rugo rwanjye, umugore wanjye yansabye ko mubera umugabo. Umukobwa wanjye uri hariya, ntacyo yansaba nk'umugabo; ndi se. Kandi umwuzukuru wanjye muto uri hariya, ndi sekuru kuri we, ntabwo rero afite uburenganzira bwo kunyita papa. Ntabwo ndi se. Umuhungu wanjye ndi se. Ndi sekuru. Ariko ndacyari umugabo umwe.

56 Kandi Imana, ibyo Ikora, Ihindura Yo ubwayo, kugira ngo imere nk'abo muri kiriya gisekuru, ikimenyekanisha kuri abo bantu. Kandi ni byo turi hano kugira ngo tubirebe, iri joro. Ni mu buhe buryo Imana igomba kwimenyekanisha kuri abo bantu no muri iki gihe? Yahinduye igitwikirizo Cyayo, Ihindura ibikorwa Byayo, ariko ntabwo Ihindura imyitwarire Yayo. Ntabwo Ihindura ka—kamere Yayo. Gusa Ihindura igitwikirizo Cyayo, kuva kuri kimwe ujya ku kindi. Irabikora, kugira ngo yiyereke abantu Yo ubwayo mu buryo bweruye, kugira ngo bamenye Iyo ari yo, n'icyo Iri cyo.

57 Mu Baheburayo 1, tuhasoma ngo: "Imana, mu bihe binyuranye kandi mu buryo butandukanye yavuganye na ba data, inyuze mu bahanuzi, ariko muri iyi minsi ya nyuma yanyuze mu Mwana Wayo, Yesu."

58 Noneho, "Abahanuzi," Yesu yaravuze, igihe yari hano ku isi ati: "bari imana. abo mubita 'imana, 'abo Ijambo ry'Imana ryajeho. Kandi Ibyanditswe ntibishobora kwivuguruzwa," Ni ko Yavuze. Yaravuze ati: "Ni gute mushobora gukomeza kumuciraho iteka, mu gihe We ari Umwana w'Imana?" Murareba?

59 Ijambo ry'Imana ryerekanwe kuri buri myaka, uko rigomba kuba. Kandi Yesu yari ugusohora k'ubuhanuzi bwose. "Muri We hari hatuye Ubumana bwuzuye mu mubiri." Bwari muri We. Ni

We wari muri Yozefu. Ni We wari muri Eliya. Ni We wari muri Mose. Ni We wari muri Dawidi, umwami wanzwe.

⁶⁰ Ubwoko bwe bwite bwari bwaramwanze, nk'umwami. Kandi nk'uko yari akiva hanze y'u—y'urugo, akagabo gato, gafite bumuga kagendaga hose gacumbagira, ntikakundaga u—ubuyobozi bwe, gahunda ye, kandi karamuciraga. Nuko umuzamu akuramo inkota ye maze aravuga ati: “Ngiye gushyira uriya mutwe w'imbwa kuri we, ucira ku mwami wanjye?”

⁶¹ Kandi Dawidi, birashoboka ko atamenye icyo yakoraga icyo gihe, ariko yari yarasizwe. Na we ati: “Mureke. Imana yamubwiye gukora ibi.” Yurira ku musozi, aririra Yeruzalemu, umwami wanzwe.

⁶² Mwabonye? Imyaka amagana make uhereye icyo gihe, Umwana wa Dawidi avunderezwa amacandwe, mu mayira, kandi yari ku musozi, umusozi umwe, areba hejuru ya Yeruzalemu, Umwami wanzwe. Ararangurura ati: “Yerusalemu, ni kangahe nakubundikiriye nk'uko inkoko ibundikira imishwi, ariko ntiwemere!”

⁶³ Ntiyigeze ahindura kamere Ye, 'kubera ko Abaheburayo 13: 8 havuga ngo: “Uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose.” Imana yiremeye umubiri, kugira ngo ipfe, kugira ngo idukize ibyaha. Ni yo mpamvu Yihinduye Yo ubwayo, ikaba u—Umuntu.

⁶⁴ Turabona ko, muri Mutagatifu Yohani 12:20, Abagereki bari baramwumvise. Noneho, nta muntu n'umwe ushobora kumwumva usibye imitima yabo yagurumanaga ishaka kumubona. Kimwe na Yobu n'abahanuzi ba kera, bose bifuzaga kumubona. Noneho, uyu Mugereki yaje kumureba. Bageze kuri Filipo, uwari i Betsayida, aravuga ati: “Bagenzi twifuzaga, kubona Yesu.”

⁶⁵ Abagereki bifuzaga kumubona, ariko ntibabasha kumubona kuko Yari mu rusengero rw'ubumuntu Bwe. “Imana yari muri Kristo, yiyunga n'isi ubwayo.” Noneho dusanga ko, muri ibi, abo Bagereki batashoboraga kumubona.

⁶⁶ Kandi murebe amagambo Yesu yababwiye, nyuma. Yaravuze ati: “Niba imbuto y'ingano iguye mu butaka, ntipfe, igumamo yonyine.” Mu yandi magambo, ntibashoboraga kumubona yihindura, mu kitwikirizo Yari arimo icyo gihe, kubera ko yari yitwikiriye umubiri w'abantu. Ariko iyo imbuto y'ingano iguye mu butaka, noneho ishobora kuzana amoko yose. Birumvikana ko muri icyo gihe yoherejwe ku Bayahudi. Ariko imbuto y'ingano igomba guhunguka; Imana yitwikiriye, mu mubiri w'umuntu, yihishe abatizera, ariko yihishurira abizera.

⁶⁷ Muri Yohana 1, “Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo Yari kumwe n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Jambo yihinduye umubiri, atura muri twe, turamubona, We wenyine Wabyawe

na Data, yuzuye ubuntu.” Noneho, mu ntangiriro hariho Jambo. Ijambo ni ryo kugaragazwa kw’igitekerezo cyatanze.

⁶⁸ Mu ntangiriro, nta n’ubwo Yari Imana. Noneho, ijambo ry’icyongereza cyacu uyu munsu, *Imana*, risobanura “ikintu cyo gusengwa.” Ukuntu biteye urujijo mu bitekerezo. Ushobora guhindura umuntu imana. Ushobora guhindura ikintu cyose kikaba imana.

⁶⁹ Ariko mu Isezerano rya Kera, mu Itangiriro 1, “Mu ntangiriro *Imana*,” ijambo rikoreshwa, ni Elohimu. *Elohimu* risobanura “Uriho ku Bwe.” Ni irihe tandukaniro riri hagati y’ijambo Elohimu, n’ijambo Imana tuzi. *Elohimu* bisobanura “Uriho ku Bwe.”

⁷⁰ Ntidushobora kubaho ku bwacu. Ntidushobora kuba ushobora byose, uwihagije, ubera hose icyarimwe, uzi byose. Ushobora Elohimu agaragaza ibyo byose. Ntidushobora kumera dutyo. Igiti ukoramo imana, cyangwa—cyangwa inyubako, ntabwo kibaho ubwacyo.

⁷¹ Rero, Imana, mu ntangiriro, yari Ubugingo, bwabundi Buhoraho. Muri Yo harimo imico, kandi iyo mico yahindutse Amagambo, kandi Ijambo rihinduka umubiri. Yesu yari Umucunguzi. Kandi *gucungura*, bisobanura, “Kugarura.” Niba kandi Igomba kurigarura, yagombaga kubaho ahantu irigarura. Rero, murabona, abantu bese ntibazigera babasha kubibona, kuko abantu bese ntabwo bari mu itangiriro mu bitekerezo by’Imana. Murareba?

⁷² Murebe abatambyi. Ubwo bamubonaga We yisanisha neza ubwe n’Ijambo, ari ryo Yari ryo, baravuze bati: “Ni Belizebuli.” Ibyo byerekanaga aho kamere yabo iri. Byari mu bitekerezo bigezweho by’umunsi.

⁷³ Ariko ubwo indaya nto, imwe baturiraga ku irembo, maze akayibwira, akagaragaza ikimenyetso Cy’e cya Mesiya, amubwira ibyo yakoze. “Kubera iki,” yaravuze ati: “Mugenzi, mbonye ko Uri Umuhanuzi. Turabizi, ko Mesiya, naza, azatubwira ibyo byose.” Yamumenye nka Mesiya, Umwe wasizwe, kuko Yari yujuje ibisabwa by’Ibyanditswe. Ntimureba? Izo ngingo ebyili zahuriraga hamwe. We ati: “Turabizi, igihe Mesiya azazira.”

⁷⁴ Noneho, Imana ishobora kuba yaragombaga guhuza *ibi n’ibi*, kugira ngo ibone kuvuza inzogera, nk’umuhuza. Ariko Yesu ahindukiye, aravuga ati: “Ni nje uvugana na we,” ntabwo imvugo nk’iyi yari “Belizebuli.” Yataye ikivomesho cye, yiruka mu mujyi hose, maze aravuga ati: “Nimuze, murebe Umugabo wambwiye ibyo nakoze. Ese uyu si We Mesiya?” Murareba?

⁷⁵ Noneho, ibi byatanze iki? Gushyira Ibyanditswe bya kera hamwe n’uburamba ibyo—ibyo ni byo Yesu yamuhaga, byatanze iki? Byagaragaje ko ari Mesiya. Mbese ibyo mwabibonye? Ako kanya, ibyaha bye byarababariwe, kuko, uhereye mu

ntangiriro, yari yaracunguwe, kuko yari mu bitekerezo by'Imana uhereye mu ntangiriro. Rero, byaramucunguye, cyangwa byaramugaruye, ubwo yabonaga Ibyanditswe byerekanwe bigaragara, bya Yehova, icyo Yari cyo, icyo Ari cyo.

⁷⁶ Noneho, igihe Yesu yazaga, iyo aza kuba Afite ubutumwa bwa Nowa, ntibyari kugira umumaro, kubaka inkuge, no kureremba kwayo, ntabwo byari gukora. Ariko kubw'ibyo, Nowa yari umugabane w'Imana. Yakoze inzira idasanzwe kuko yari umwihariko, n'ubutumwa bwe bwari umwihariko kuko bwari Ijambo ryerekanwe.

⁷⁷ Ntabwo yashoboraga kuzana n'ubutumwa bwa Mose, kuko ntibyari gukora. Mose yari Imana, yagaragaye mu gice kimwe. Ni Ijambo ryerekanwe kuri iyo saha, ariko Yesu ntiyashoboraga kubyinjiramo. Bibiliya ntiyigeze ivuga ko yari kuza muri ubwo buryo.

⁷⁸ Ariko ubwo yazaga, yerekanwe neza nk'uko I—Isezerano ryari ryaravuze ko Azagaragazwa, noneho abacunguwe bose barabyizeye, kuko byari ibitekerezo by'Imana. Ibimuranga We mu ntangiriro, yahinduwe umubiri, kandi ari uwo gucungurwa, maze agarurwa ku Mana. "Abamwemeye bese, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana," kubera ko bari baracunguwe. Bahozeho uhereye mu ntangiriro, mu mvugo.

⁷⁹ Niba dushobora guhagarara hano akanya, niba bishoboka, maze tugatekereza kuri iri joro, ry'Ubutumwa bw'igihe, ibitekerezo byavuzwe na Yehova. "Mbere yo gushingwa kw'isi," tubwirwa ko, "amazina yacu yashyizwe mu Gitabo cy'Ubugungo cy'Umwana w'Intama." Noneho dushobora kubona impande zombi, nk'uko nabivuze mbere, impamvu imwe idasanzwe ku yindi. Bigomba kumera gutya. Ni ko byahoze. Buri gihe byahoze gutya, kandi bizahora gutya. "Yari Ijambo. Kandi Ijambo ryari ryarahinduwe umubiri ritura muri twe."

⁸⁰ Noneho, Mana, mu...gihe cyo hambere cy'Isezerano rya Kera, dusanga ko nyuma yo kwigaragariza abantu Be, mu buryo butandukanye, Yihishe Ubwe inyuma y'impu zishaje z'inyamaswa. Imana yihishe inyuma y'impu zoroherewe, ku ntebe Yayo y'imbabazi. Tubona ko, burya uwo Salomo, igihe yeguriraga Uwiteka urusengero, izo mpu zari zimanitse hariya, icyitwikirizo, burya ngo Yinjiye nk'Inkingi y'Umuriro kandi nkiy'Igicu, amanuka inyuma hariya, kandi yitwikiriye We ubwe, ku isi yo hanze. Ariko, kubwo kwizera, Isiraheli yari izi ko Yayigarutsemo. Bamenye ko Ihari, batitaye kubyo isi yose y'abanyamahanga ivuga. Yari ahishe ku batizera. Ariko ku bizera, kubwo kwizera, bari bazi ko Yayigarutsemo. Bagiriwe imbabazi. Kandi yari ku ntebe Ye y'imbabazi, ryari ibanga rikomeye.

⁸¹ Urabizi, mu Isezerano rya Kera, kwinjira inyuma y'urwo ruhu byari urupfu. Ubu kuguma inyuma yarwo ni urupfu.

Noneho kwinjira mu Cyubahiro Cy'e byari urupfu. Ubu kujya kure y'Icyubahiro Cy'e ni urupfu. Birumvikana ko ibyo byabaye, mu gihe umwenda watabukaga i Kaluvari, mu gihe umwenda watabukaga, umwenda ushaje. Noneho kwirinda kuba imbere Ye ni urupfu. Na none kwinjira imbere y'Ubwiza Bwe byari urupfu. Murareba? Birahinduka inyuma n'ibindi, kandi mugomba kugenzura Ibyanditswe kugira ngo murebe iminsi tubayemo.

⁸² Noneho, igihe umwenda utabuka i Kaluvari, intebe y'imbabazi yaje kugaragara neza. (Ariko se byagenze bite? Wari umanitse i Kaluvari, winitse mu maraso.) Nk'uko bafataga amaraso, uko umwaka utashye, mu gusukura ahera no kuminjagira ku ntebe y'imbabazi, ahongaho, Imana, hamwe n'imbaraga Zayo zikomeye z'umuriro waka, yatabuye umwenda wa kera w'urusika kuva hejuru kugeza hasi, kandi intebe y'imbabazi yahise igaragara neza.

⁸³ Umwana w'Intama w'ukuri, utunganye yari amanitse mu buryo busobanutse i Kaluvari, Intebe y'Imbabazi nyayo, igihe Imana yari yishyuye ikiguzi, Yo ubwayo; maze iba umwe muri twe, kandi yari yigaragaje nk'Umuntu, kugira ngo atumenyere, natwe tumenyane na We. icyicaro cy'Impuhwe cyarebaga neza Isiraheli yose kuri uriya muni w'Impongano.

⁸⁴ Ariko, ishyano, imigenzo y'amatorero ya ba se muri uwo muni yari ifite, n'imigenzo yabo, yari yitwikiriye Intebe y'Imbabazi nyayo mu bantu. Iyaba baza kumenya Ibyanditswe, buri gice cyari kuba kimeze nk'Igishinwa. Ubuhanuzi bwo mu Isezerano ry'ya Kera bwaba bwarasohoye, kandi ni ko byari bimeze. Niba kandi barigishijwe Ibyanditswe, bari kubona Intebe y'Impuhwe. "Nka Mose," wavuze hano, ngo: "kugeza na n'ubu baratwikiriye. Biracyari hejuru y'imitima yabo." Ntabwo babibona.

⁸⁵ Ariko, Yari Imana, imibabaro n'impongano. Yari Intebe y'Imbabazi nyayo ihagaze neza. Mu gihe twaririmba indirimbo ivuga ngo:

Dore! Murebe mu buryo busobanutse,
Arahari, Ushobora byose Uwo kunesha,
Kuva yatabura umwenda mo kabiri.

⁸⁶ Murebe, Yaraje, Intebe y'Impuhwe, imanitse neza neza imbere y'itorero. Ariko bo, kuba mu bitekerezo rusange...

⁸⁷ Noneho, abagabo n'abagore, n'intumwa z'aya masezerano, ndashaka kuvuga ibi nta cyubahiro mpaye umuntu uwo ariwe wese. Ariko, urebye uyu muni, urebye igitumye tuba hano uyu muni, Mfite ubwoba ko imigenzo ya ba data, abakuru b'itorero, yahishe ibi ku bantu benshi cyane. Kuva Umwuka Wera yaza muri iyi minsi ya nyuma, nk'uko byahanuwe, kandi umwenda ugatabuka, abantu benshi bagerageza kwizirika ku migenzo yabo n'iya ba se. Ni yo mpamvu badashobora kubona umunezero

ukabije, n'amahoro, n'ibintu Itorero rifite uyu muni. Nyamara, Biragaragara neza ku bizera.

Yahishe Ijambo, Ijambo ryasezeranijwe ry'uyu muni.

⁸⁸ Noneho, imigenzo yakoze igitwikirizo. Bavuga ko iminsi y'ibitangaza yarangiye. Umugabo yarambwiye, umunyacyubahiro mwiza, ufite umuco w'i Tucson, muri Arizona, aho ntuye. Nari mfite inama i Ramada. Kandi twavugiraga mu Biterane by'abagabo b'abacuruzi aho Umwami Yesu yari yaje kandi akora ibintu bikomeye. Nuko uyu mugabo w'Umukristu witonze aza aho ndi, arambwira... Umukozi w'itorero, umuntu mwiza, aravuga ati: "Mwene Data Branham, uragerageza kwereka abantu igihe cy'intumwa," ati: "kandi igihe cy'intumwa cyarangiraye."

⁸⁹ Nanjye nti: "Ndagusabye, mwene Data, nyereka igihe igihe cy'intumwa cyarangiraye, mu Byanditswe." Ndavuga nti: "Igihe cy'intumwa cyatangiye ku muni wa Pentekote, kandi gifite... Petero yaravuze, ku muni wa Pentekote ati: 'Isezerano ni iryanyu, no ku bana banyu, no ku bari kure bose, ndetse abo Uwiteka Imana yacu izahamagara. 'Byarangiye ryari? Niba Imana igikomeje guhamagara, igihe cy'intumwa kiracyakomeje."

⁹⁰ Kandi rero aho ni ho abantu bagerageza guhuma abantu benshi, n'imigenzo yabo y'abasaza, nk'uko byari bimeze icyo gihe. Kandi munanirwa kubona impamvu abantu bishimye cyane kandi bashishikaye. Kandi—kandi aya masezerano ntasanze, ni ikintu kidasanze, ku bandi bantu, kubera ko babona bararenze izo nzitizi. Batabuye iyo myenda, imbere y'Imana, aho babona isezerano ryagaragaye ry'iki gihe ryerekanwe imbere y'abantu. Babona ibyo Imana yasezeranije.

⁹¹ Muri Yoweli 2:28, Yasezeranije, ko: "Muri iyi minsi ya nyuma hazagwa imvura ya nyuma *inyagire* abantu, mu minsi ya nyuma." Ntekereza ko ijamba ry'Ikigereki ari *kenosis*, risobanura ngo We "yimazemo" ubwe. Ntabwo ari mu buryo twavugaga, nk'ikintu cyari kiri imbere mu muntu, kikamuvamo hagasigasa ubusa, ariko We ubwe Yarisutse.

⁹² Yarahindutse; *En morphe*. We—Yarahindutse, ahereye ku cyo Yari cyo, ahinduka icyo Ari cyo. Ntajya ahindura kamere Ye. Ariko ku muni wa Pentekote, Yarihinduye ava ku kuba Umwana w'umuntu, aba Umwana w'Imana. Yaje, atari *kumwe* n'abantu. Yaje *mu* bantu, murareba, Imana imwe, kugira ngo ikomeze umurimo Wayo, muri iki gihe gikomeye.

⁹³ Yahanuye muri Bibiliya, ko, "Hazabaho umunsi utazaba amanywa intube n'joro, ariko mu gihe cyo ku mugoroba hagomba kubaho Umucyo." Noneho, izuba, mu buryo bw'ubumenyi bw'isi, rirasira iburasirazuba rikarengera iburengerazuba. Ni izuba rimwe, igihe cyose. Noneho, ubwo,

Umwana, U-m-w-a-n-a, yihishuye mu kwigaragaza kw'Ijambo ryasezeranijwe, kuri Isiraheli, abaturage bo mu Burasirazuba.

⁹⁴ Twagize umunsi w'umwijima. Twagize umucyo uhagije mu bagorozi, n'ibindi n'ibindi, kugira ngo dukore amatorero n'amadini, kandi twifatanya nabo turinjira; maze tugasoma impinja, tugashyingiranwa n'abasaza, tugashyingura abapfuye, n'ibindi; kandi tukaba mu itorero.

⁹⁵ Ariko, mu gihe cyo ku mugoroba, "Hazabaho umucyo," Yaravuze ati: "mu gihe cyo ku mugoroba." Kandi nta Byanditswe Byera bishobora kwivuguruza. Kandi wa M-w-a-n-a, umwe ubwe yarisutse We ubwe, *kenosis*, ku munsi wa Pentekote, yasezeranije ko ari byo azakora mu gihe cyo ku mugoroba. Murareba? Bikurikije amasezerano.

⁹⁶ Mushakishirize hamwe ikirango. Murebe ibirimo kuba, murebe ibyo yasezeranije, noneho muzabona aho tugeze. Mushire ibintu hamwe. Mushobora kubona ihishurwa ry'Uyu ukomeye kandi ushobora byose. Imigenzo yahumye abantu, na none, ku bintu bikomeye byahanuwe.

⁹⁷ Mose, ubwo yavaga ku musozi, wakaga umuriro, mbega urugero rwiza!

⁹⁸ Mose yamanutse muri Egipta abwira abakuru b'itorero ko Umwami Imana yamusuye mu Izina rya "NDIHO." Iryo Zina riri mu ndagihe; ntabwo ari "Nariho; cyangwa Nzabaho." Ahubwo ni, "NDIHO," Uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora, n'iteka ryose. Ni mu ndagihe. We... wigereranya n'Abaheburayo 13: 8, "Yesu Kristo uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Ari, kandi ni ko Azahora n'iteka ryose."

⁹⁹ Biracyari Ijambo ryahanuwe. Kandi, itorero, ryagombaga guhuza n'Ijambo, uburambe bw'uyu munsi. Abagorozi bari babifite, yewe, ariko uyu ni undi munsi. Murebe iminsi turimo. Nk'uko adashobora kuza, mu minsi yaje kw'isi, mu—mu nzira Mose yajemo, cyangwa n'umwe mu bahanuzi waje; ntabwo byari byarahanuwe. Kandi muri iyi minsi ya nyuma, byahanuwe kuza muri ubu buryo. Ntishobora kuza mu buryo bw'ububutse bwa Luteri. Ntishobora kuza mu buryo bwa Wesley ububutse. Ni igihe cyo kugarura. Ni igihe kigomba kugaruka ku Mucyo w'umwimerere Umwana, umwimerere.

¹⁰⁰ Yoo, mbega ukuntu dushobora kurambura Ibyanditswe, kuri ibyo! Namwe abahanga mu bya tewolojiya, ni ikihe gice cy'isi mukomokamo, muzi ko Ibyo ari ukuri. Ni isezerano. Ni byo bituma abantu baba abadasanzwe. Ni byo bituma ibintu biba ibidanzwe, nk'uko mubyita. Ni ukubera ko ari bo...ni...Umwenda watabutse, uhereye ku migenzo, kandi barabibona. Uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose. Murareba? Ni—ni isezerano ry'Imana, kandi ntidushobora kunyuranya n'ibyo, 'kubera ko Ibyanditswe bidashobora kugenda ubusa. Yego. Turabona ko yabisezeranije.

Yari yarisanzuye mu bwoko bwe. Kandi uko yari ari ejo, n'uyu muni, niko ari kandi niko azahora n'iteka ryose.

¹⁰¹ Mose amaze kumanuka muri Egipta nuko arabitangaza, igihe Data ahamya ubutumwa bwe amanukiye ku musozi Sinayi mu nkingi imwe y'umuriro, agatuma umusozi wakaho umuriro. Twarabibonye? Uwo wari warahawe isezerano, yamuzananye n'Ijambo. Yari afite amategeko. Kandi kugira iri tegeko, yari afite... Amategeko yari Ijambo. Ijambo ntiriyari ryigeze rigera ku bantu. Noneho, Ijambo buri gihe riza ku muhanuzi, kandi yari umuhanuzi kubw'icyo gihe.

¹⁰² Nk'uko Yesu yari Ijambo, Yohana yari umuhanuzi, Yesu amusanga mu mazi, kuko Ijambo rihora riza ku muhanuzi nta kabuza. Murareba? Ijambo rimuzaho.

¹⁰³ Mose rero, Ijambo ryaje kuri we, amategeko, kandi yari ayafite. None se, ni ukubera iki? Mbere y'uko Ijambo ritangwa kandi rigaragara, Mose yagombaga kwitwikira mu maso, kuko Ijambo ritagaragajwe rwose. Bamenye ikintu cyabaye, ariko ntibari bazi icyo ari cyo, guhinda n'inkuba zikubita, kugeza igihe bavuze bati: "Reka Mose avuge, Imana ntivuge."

¹⁰⁴ Imana iravuga iti: "Ni byo, nzabikora. Kuva ubu, ntabwo nzongera kugaragara gutya ukundi, Nzabohereza umuhanuzi, azabikora... Nzavuga nkoresheje umuhanuzi Wanjye."

¹⁰⁵ Noneho, niba Mose, hamwe n'amategeko asanzwe, nk'uko Pawulo, mu Bakorinto ba Kabiri hano, yabiduhishuriye, yagombaga kwitwikira mu maso na kamere, mbega ukuntu Umwuka azaba afite icyubahiro kandi agapfukirana abatizera mbere y'uko amugaragariza! Ni bangahe bandi barimo guhamagara... Mose yari umuntu udasanzwe. Ni bangahe bazaguhamagara, ni inde watabuye umwenda, wagiye mu Nkingi y'Umuriro, wasohokanye Umugisha! Noneho uratwikiriye. Abantu ntibashobora kubibona. Ntibashobora kubyumva.

¹⁰⁶ "Niba kamere iba ifite icyubahiro, byagenda bite ku ndengakamere! Niba kamere, yari ifite iherezo ryayo, yagombaga guhabwa icyubahiro, mbega ukuntu birenze Ibi bitagira iherezo ryabyo, bizaba byiza!"

¹⁰⁷ Ariko, n'ubu, Biracyatwikiriye. Atari ku uwizera, ahubwo ni ku utizera. Ntashobora kubibona. Imana ihora yitwikiriye Yo ubwayo ku batizera. Imigenzo irabihisha. Nk'uko babikoze icyo gihe, barabikora n'uyu muni.

¹⁰⁸ Uwo wari umwenda wo mu mwuka dufite ubu, aho umwenda usanzwe wari uri. Batsindishirizwa n'intumwa hamwe n'Ijambo ryanditswe, umuhanuzi, azana Ijambo ryanditse, kugirango byumvikane neza.

¹⁰⁹ Bari bazi Ijambo rihari, ariko ntibari bazi icyo risobanura. Mose arabisobanura neza. Yaravuze ati: "Itegeko rivuga *Ibi*,

kandi *iyi* ni yo mpamvu.” Yabisobanuye neza. Kandi mbere y’uko bisobanurwa neza, byari bitwikiriye.

¹¹⁰ Kandi ni ko bimeze, uyu muni, bihishe abantu, kugeza bihishuwe kandi bigasobanurirwa abantu. Imana, Imana ikomeye, yitwikiriye umubiri w’abantu, Ijambo. icyitonderwa. Noneho tumenye ko Byahishwe abatizera, ariko bihishurirwa abizera.

¹¹¹ Mumenye ko, Mose yagombaga kwinjira muri iyi Nkingi y’Umuriro, wenyine. Nta muntu washoboraga kujyana na we. Ntabwo yari . . . ni . . . Ni iki ibyo bitubwira? Ko utaza muri Ibi winjiye mu matsinda ya Pentekote. Murareba? Ntabwo yigeze abihishurira itsinda. Yabihishuriye umuntu ku giti cye. Kandi uko ni ko bimeze muri iki gihe. Muravuga muti: “Ndi uwo mu i—itorero. Njye—Ndi uw’*ibi*.” Ariko ibyo ntacyo bimaze. Murareba?

¹¹² Kandi ku bantu bose bagerageza gukurikira Mose, kubigana, byari urupfu. Ni ko bimeze no muri iki gihe, urupfu rwo mu mwuka, kugerageza kwigana. Ni byo . . .

¹¹³ Iri joro, turimo kwinjira mu, itsinda rivuka mu yandi matsinda, igereranya ry’umubiri; umuntu agerageza gukora nka, kandi abaho mu buzima butandukanye; ashobora kunywa inzoga, ashobora kunywa itabi, abagore bashobora kubaho mu buryo . . . ubwo ari bwo bwose bashaka, kandi nk’isi, baguma mu rugo bakareba televiziyo, n’ibintu by’isi, kandi baracyiyita Abapentekote. Bagerageza kwigana ukuri. Nyamara, ntabwo bigeze babihishurirwa. Iyo Bihishuwe, biba bihebuje, kandi hari ikintu kibigukuramo iyo ugenda Hano. Uhinduka igitwikirizo. Ni . . . Gusa ntabwo byakunda. Kandi kwigana Byari urupfu.

¹¹⁴ Igitwikirizo cya Mose; cyari Ijambo rizima ku bantu. Uyu muni, abantu bitwikiriye ni ikintu kimwe. “Banditse inzandiko, zisomwa n’abantu bose.” Ntabwo ari inzandiko *nshya*; ariko Ibaruwa banditse, yaragaragaye. Ni—ni abizera Ijambo n’amasezerano y’uyu muni, ko Imana isuka Umwuka Wayo, ku mubiri wose, kandi ibyo ni inzandiko zanditse. Kandi iyo umuntu agerageje kwigana mu buryo bw’umubiri, biramugaruka. Ubuzima bwawe bwerekana icyo uri cyo.

¹¹⁵ Igihe kimwe hariho umuhungu, yari afite ibibazo. Yari umuhungu mwiza, ariko we—we yagiye mu rukiko. Umucamanza aravuga ati: “Ndabona ufite icyaha. Ngomba kuguhana ugafungwa burundu muri gereza.”

¹¹⁶ Aravuga ati: “Ndashaka kuburanisha urubanza rwanjye.” Aravuga ati: “Ndashaka kwinjira mu byo nanditse.”

¹¹⁷ Aravuga ati: “Nta nyandiko ufite. Inyandiko yawe ni yo yaguciriye urubanza.”

¹¹⁸ Kandi ni ko bimeze uyu muni, ni yo impamvu itorero ridatera imbere nk’uko bikwiye. Ni inyandiko. Ni ubuzima. Tugomba kurushaho kwitanga. Tugomba kwizera Ijambo

ryose ry’Imana. Tugomba gushakisha kugeza igihe iryo Jambo ritubereye impamo. Murareba? Murareba? Inyandiko ni yo itubuza kwinjira.

¹¹⁹ Ariko, igihe kimwe, (kugira ngo mbakure muri uyu mutego), muri uru rukiko rumwe, umuhungu nta mafaranga yari afite. Ntiyashoboraga kurwishyura. Ihazabu yari mu buryo bw’amadorari ibihumbi. Ariko yari afite umuvandimwe we w’umukire waje aramwishyurira.

¹²⁰ Noneho, twabonye ifunguro rya Mwene Data, Yesu, Umwana w’Imana. Kandi Yaje kutwishyurira, niba tubyemera gusa kandi tukabasha kwinjira mu bitwikiriye hamwe na We. Nk’uko, Ni Mose wacu. Yesu ni Mose wacu w’iki gihe. Mose, yaritwikiriye, yari Ijambo rizima ku bantu. Uyu munsu, Yesu yaritwikiriye, ni Ijambo rizima ku bantu, uwo, Yesu mu Itorero. Umwuka Wera, Umwana w’Imana mu bantu, guhishura Ijambo n’amasezerano y’uyu munsu, bituma Bigenda neza. Kimwe n’ubu.

¹²¹ Kandi mwibuke, Mose yarabikoze, kandi ibi ntiyabigaragariye isi yose, ahubwo yabigaragariye abantu barimo guhunga, icyiciro kimwe gusa cy’abantu, abo ni bo basohotse mu kuva-...mu gusohoka.

¹²² Uyu munsu, Umwuka Wera, imbere y’abantu bavuga ngo: “Gukiza indwara guturuka ku Mana ntabwo ari ko.” Igihe nagishaga inama...

¹²³ Muganga w’umudamu muto, ejobundi, yarampamagaye, yewe, habaye ibibazo bine cyangwa bitanu, baryamye hafi yo gupfa, bahawe amasaha, nuko Umwuka Wera urabakiza. Muganga yabyibazagaho. Yaravuze ati: “Ibyo bishoboka bite? Kubera iki,” aravugaga ati: “Njye—Njye...Uwo ni umurwayi wanjye.”

¹²⁴ Ndavuga nti: “Ni ko byari bimeze. Ariko noneho byari iby’Imana. Ni—ni, ni umuntu Wayo ubu.” Murareba?

¹²⁵ Kandi rero murabona ikintu icyo ari cyo, icyo Imana yita gusohoka, guturuka inyuma y’umwenda w’umubiri ugerageza kwigana, ugerageza kwinjira mu itorero; ntabwo ari Metodiste, Batisita, Peresibiteriyeni, rwose, ariko ni amatorero ya Pentekote. Ni ikibazo cy’umuntu ku giti cye. Ni wowe n’Imana. Ugomba kwinjira, ntabwo ari itsinda ryawe, ntabwo ari itorero ryawe, cyangwa umushumba wawe, ahubwo ni wowe ugomba kwinjira.

¹²⁶ Ndashaka ko mubona ikindi kintu kiranga Mose, iyo asohotse. Nyamara, kuba umuhanuzi, kuba umuntu ukomeye nk’uko yari ari, yasohotse afite Ijambo, abantu babonye ko yahinduwe. Hari ikintu cyamubayeho. Ubwo yasohokanaga n’Ijambo ryemejwe ry’iyo saha, amategeko, yari umuntu wahindutse.

127 Kandi nawe ni ko uzamera, mu gihe uzaba uturutse inyuma y'icyo gitwikirizo cy'abantu useka mu materaniro nk'aya; uriya muntu washoboraga gusitara mu gukiza indwara guturuka ku Mana, akavuga ko iminsi y'ibitangaza yarangiye. Watakaye inyuma y'igitwikirizo cy'abantu aho ngaho, igitwikirizo gakondo, kandi abantu bose bazamenya ikintu cyakubayeho.

128 Nka Mwene Data w'icyubahiro Jim Brown. Ndatekerezaga ko Abaperesibiteriyani benshi bazi ko hari ikintu cyamubayeho, kuko we—akomoka inyuma y'igitwikirizo gakondo. Yabonye ikintu mu bantu, kimukurura, asohoka inyuma y'igitwikirizo.

129 Ni byiza, wowe, iyo usohotse uturutse inyuma y'igitwikirizo, uba ureba neza abantu icyo gihe, ko bashobora kubona ko hari ikintu cyakubayeho. Ijambo ritwikiriye, ku batizera, ariko riri mu buryo bwuzuye ku bizera. “Yesu Kristo uko yari ejo, ni ko ari uyu muni, kandi ni ko azahora n'iteka ryose.”

130 Hanyuma, yari Imana. Muri iyo minsi, yari Imana mu Muntu, Umwana Wayo, Yesu Kristo. Turabyizera. Ntabwo ari umuhanuzi gusa, ntabwo ari umuntu usanzwe, umuntu usanzwe. Yari Imana muri Kristo; Imana mu muntu; kuzura k'Ubumana, umubiri mu Muntu. Imana mu Muntu!

131 Noneho ni Imana mu bantu, kuzura kw'Imana mu Bumana, umubiri mu matorero Ryayo ryose, kwigaragaza, gusohozaga Ijambo Rye.

132 Noneho dusanze, Imana, imyaka yose, ifite uruhu kuri Yo. Yo, Imana, yihishe inyuma y'igitwikirizo.

133 Gusa binyibukije i—inkuru ntoya yabereye mu Majyepfo. Kandi rero hariho inzu ya Gikristo. Hanyuma muri uru rugo rwa Gikristo bizeraga Imana, na bo—batekereje ko—ko Imana yabarinze ibibazo byose. Kandi, ibyo, Irabikora. Kandi bari bafite umwana muto, umuhungu muto ufite imyaka irindwi cyangwa umunani. Nuko—nuko yagiye mw'ishuri ryo ku cyumweru kandi yari umusore mwiza cyane. Ariko yagize ubwoba muri serwakira, cyane igihe inkuba yakubitaga.

134 Nabibwiye umugabo, ejobundi, igihe iki gice cyari kimaze gusohoka kuri uyu mugabo wakize uburwayi. Uyu mukozi w'Imana umwe yaravuze ati: “Baguhindura imana, Mwene Data Branham.”

135 Ni byiza, yari arimo kunegura, nuko ntekereza ko ngomba gushyiramo akaruhuko, k'akanya gato. Ntabwo ari ukubabara, murabizi, ariko ni byiza gusa. . . Ndavuga nti: “Ese ibyo ni kure cyane y'Ibyanditswe, kugira ngo bibe?” Murareba? Naravuze nti: “Oya, ntabwo ari byo,” Ndavuga nti: “kuko Yesu yise abahanuzi ‘imana. Murareba? Ni byo, ‘Imana.’”

136 Kandi baravugaga bati: “Ni byiza, abantu bagushyira mu mwanya w'Imana.” Ibyo ntibirenze kure cyane. Ni byo rwose. Ni byo rwose. Imana yigaragarije mu mubiri, nk'uko yabisezeraniye.

¹³⁷ Uyu muryango muto, tubonye. Nawutekerereje iyi nkuru nto, ije mu bitekerezho byanjye nonaha. Ibyo, ijoro rimwe haza umuyaga, umumama abwira Junior, ati: “Noneho, zamuka hejuru, mwana wanjye, maze uje karyama.”

Aravuga ati: “Mama, Mfite ubwoba,” ni ko yavuze.

“Nta kintu kiribukurye. Komeza uje karyama.”

¹³⁸ Umwana Junior yaryamye aho, maze umurabyo waka mu madirishya. Nuko umwana muto ashya ubwoba, ahisha umutwe we munsu y’uburingiti, kandi yashoboraga kumva u—umurabyo, cyangwa kureba urumuri rw’umurabyo rumurika mu idirishya no—no kumva inkuba ihinda. Nuko arahamagara ati: “Mama!”

Na we ati: “Urashaka iki, Junior?”

Aravuga ati: “Zamuka hano uryame hamwe nanjye.”

¹³⁹ Arazamuka rero, nk’uko umubyeyi mwiza, wizerwa yabikora. Arazamuka, afata umwana muto Junior mu maboko. Na we ati: “Junior, mama yifuza kuvugana nawe akanya gato.”

Aravuga ati: “Ni byo, mama.”

¹⁴⁰ Ati: “Noneho ugomba kuzirikana ibi. Tujya mu rusengero, buri gihe. Twasomye Bibiliya. Turasenga. Turi umuryango wa Gikristo. Twizera Imana.” Ati: “Twizera ko, muri serwakira no mu bindi byose, uko byagenda kose Imana ni yo iturinda.”

¹⁴¹ Aravuga ati: “Mama, nizera buri kintu cyose muri ibyo. Ariko,” ati: “iyo iyo umurabyo wegereje cyane,” ati: “Njye—Njye nshaka Imana ifite uruhu kuri Yo.”

¹⁴² Noneho—Ntekereza ko, atari Junior gusa, ariko twese tubyumva dutyo. Iyo duhuye, iyo dusenga umwe ku wundi, Imana ifite uruhu kuri Yo.

¹⁴³ Kandi dusanga hano ko Imana yamye ifite uruhu kuri Yo. Ubwo Mose yayibonaga, Yari ifite uruhu kuri Yo, isa n’Umuntu. Igihe Imana yari inyuma y’urusika, Yari ifite uruhu kuri Yo. Kandi Imana, iri joro, mw’Itorero Ryayo, iritwikiriye mu Itorero Ryayo ifite uruhu kuri Yo. Iracyari Imana imwe, iri joro. Turabibona.

¹⁴⁴ Ariko ubu, nk’uko bisanzwe, uruhu rw’igitwikirizo ni cyo kirwanya imigenzo. Ntibashobora kwizera ko iyo ari Imana ituma abantu bakora gutya. Murareba? Ni ukubera ko Imana yitwikiriye mu Itorero Ryayo, mu ruhu, uruhu kuri Yo. Ni byo. Yihishe ku batizera, yihishurira abizera. Yego, mugenzi.

¹⁴⁵ Noneho, iyo imigenzo yabo itwikiriye, imigenzo y’abasaza hamwe n’Ijambo, iburizwamo, yewe, byanze bikunze, uyu munsu, noneho biza mu buryo busobanutse, turamubona, Ubumana bwongeye kwitwikira umubiri w’abantu. Abaheburayo 1 harabivuga.

¹⁴⁶ Kandi no mu Itangiriro 18. Muribuka, Imana yari Umuntu, ihagarara aho, irarya, kandi ivugana na Aburahamu, maze ivuga ibyo Sara yakoraga mu ihema ryari inyuma Yayo.

¹⁴⁷ Kandi Yesu yaravuze ati: “Nk’uko byari bimeze mu gihe cya Sodomu, ni ko bizagenda no mu gihe cyo Kuza k’Umwana w’umuntu.” Ubumana bwongeye kwitwikira umubiri w’abantu! Noneho, mwibuke, Yesu ntabwo yavuze ati: “Iyo Umwana w’Imana ahishuwe.” Muri Luka igice cya 17, ndizera ko, no ku murongo wa 20, 21, ahantu hamwe, Yaravuze ati: “Kandi igihe Umwana w’umuntu ahishuwe.” Umwana w’umuntu, nanone agarutse—mu—mu Itorero, ahishuwe mu kiremwa muntu; ntabwo ari Umwana w’Imana, ahubwo nanone ni Umwana w’umuntu, nanone asubiye mu Itorero Rye, mu minsi y’imperuka. Turabona ko ari ko Yasezeranije mu masezerano y’Imana.

¹⁴⁸ Twabonye ikindi kintu, mu Isezerano rya Kera. Mfite Ibyanditswe hano, mu Kuva. Urwo, ruhu rw’igitwikirizo rushaje, rwakoze iki? Rwahishe Ubwiza bw’Imana mu bantu. Uruhu rw’igitwikirizo; ndetse abantu ntibashoboraga kubibona, kuko yari uruhu Yari yihishemo. Uruhu rwari. . . Icyubahiro cy’Imana cyari inyuma y’uruhu.

¹⁴⁹ Noneho Ubwiza bw’Imana buri inyuma y’uruhu rwawe. Ni byo. Kandi imigenzo ntabwo ibibona. Ni imbere mu gitwikirizo, aho Ijambo Ryayo ryari riri.

¹⁵⁰ Ni iki cyari imbere muri urwo ruhu, uruhu rwa kera rw’igitwikirizo?

¹⁵¹ Ni inde, “Nta bwiza twakagombye kurwifuzaho. Kandi iyo Yahinduwe umubiri igatura muri twe, Nta byiza twakagombye kubyifuzamo.”

¹⁵² Kandi ni ko bimeze na n’ubu. Nta kintu kiri ku mugabo cyangwa umugore, gishobora kwifuzwa. Ni byo biri inyuma aho. Ni byo. “Ni byo,” muravuga muti: “mugenzi wanjye, nzi ko yahoze ari umusinzi. Yakundaga gukora *ibi*.” Sinzi icyo yahoze akora. Ni iki cyihishe inyuma y’uruhu? Ibiri inyuma hariya, ni byo bifite agaciro. Ni ibyo, abantu bahumye. Uruhu ruhama abantu. Murareba? Baravuga bati: “Ndibuka igihe uwo mugore yakundaga gukora.” Nzi ibyo yari asanzwe akora, ariko bimeze bite ubu? Murareba?

¹⁵³ Uruhu rwabo, rwahoze ku nyamaswa, ariko ubu ruhisha Icyubahiro cy’Imana, Yari irwitwikiriye inyuma yarwo. Byari ku nyamaswa, ariko ubu birimo Icyubahiro cy’Imana.

¹⁵⁴ Kandi rero uruhu rwawe rushobora guhinduka, iri joro, kugira ngo uhindurwe Imana, Imana ituye mu bantu.

¹⁵⁵ Murareba. Impu zishaje z’inyamaswa, dusanga, inyuma yazo. . . Imbere harimo Ijambo. Kandi, Ijambo, harimo kandi

umugati w'impamba. Isanduku yari itwikiriye. Byari ibiki? Hari harimo Ubwiza bwa Shekina.

¹⁵⁶ Noneho, Ijambo ni Imbutu, kandi ntirishobora kubyara keretse U-...Umwana arisunitse. Umwana agomba kuba ku mbuto, kugira ngo aryiteho, kugira ngo risohore. Kandi iyo ni yo nzira yonyine. Mufate Ijambo, murareba, mufate Ijambo ry'Imana mu mutima wanyu, mugendere mu Bwiza bwa Shekina. Kandi iyo ukoze, bizazana umugati w'impamba, Manu, ihabwa gusa ubwoko bwitandukanije. Abantu bonyine bashobora kuwurya, bemerewe kuwurya, ni abantu bemerewe kandi bawuzi. Pawulo yaravuze hano ati: "Guhinduka uva mu Bwiza ujya mu Bundi." Murabona, amaherezo, Iraza kugeza aho isubiriye mu Bwiza Bwayo bwa mbere.

¹⁵⁷ Ni nk'imbutu y'icyubahiro ya mu gitondo. Imbutu y'ururabo igwa mu butaka. Imbutu y'ibigori igwa mu butaka. Ni ikihe kintu kibanza? Iramera, n'umugondoro wayo muto. Ikagera aho iraba. Hanyuma, nyuma yo kuraba, ikongera ikaba imbuto y'umwimerere.

¹⁵⁸ Ni byiza, ibyo ni byo rwose Itorero ryakoze. Rituruka kuri Luther, Wesley, hanyuma rigasubira mu Ntete z'umwimerere, risubira mu Cyubahiro Cyaryo cya mbere, risubira mu Cyubahiro Ryarimo mu ntangiriro. Umwana wavukiye mu Burasirazuba, ni wa Mwana umwe ugaragaza ikintu kimwe mu Burengerazuba, akava mu Bwiza ajya mu Bundi. Ryavuye mu bupagani, aho kwa Luther; riva kuri Luther, rimanuka kuri Wesley; riva kuri Wesley, rijya muri Pentekote; rirakomeza rirakomeza, riva mu Bwiza rijya mu Bundi, ribyara Manu ihishwe.

¹⁵⁹ None ubu rireze, kumugarura neza nk'uko Yari atangiye, umurimo We; Yesu umwe, imbaraga zimwe, Umwuka Wera umwe. Umwe umanuka ku munsu wa Pentekote, ni wo Mwuka Wera umwe ugaragara uyu munsu, kuva mu Bwiza kugeza mu Bundi, kugeza mu Bwiza. Kandi ugaruka ku mbuto Yawo ya mbere, hamwe n'umubatizo w'Umwuka Wera; n'ibimenyetso bimwe, ibitangaza bimwe, umubatizo umwe; ubwoko bumwe bw'abantu, bakora mu buryo bumwe, hamwe n'imbaraga zimwe, ibiyumvo bimwe. Bituruka mu Bwiza bijya mu Bwiza. Kandi ibikurikiraho bizaba, "Yahinduwe ava muri ubu Bwiza, ajya mu mubiri umeze nk'umubiri We Bwite w'ubwiza, aho tuzamubona." Aburamu ni byo yabonye.

¹⁶⁰ Noneho mwitegereze. Turabona uko byahinduwe. Kuva i Calvary, dutumiriwe gusangira icyubahiro Cy. Noneho, mu Bakorinto ba mbere 12, "Twabatijwe mu Mubiri We. Twese twabatijwe mu Mwuka umwe." Ntabwo ari amwe "amazi." "Umwuka Umwe, ni ho twese twabatirijwe." Ni byo, ubungubu, hanyuma tugahinduka urugingo Rwe.

161 Nizere ko ntabagumisha hano igihe kirekire. [Itorero rivavugaga riti: “Oya.”—Ubwanditsi.] Murareba? Nizere ko ntabikora.

162 Ariko, ni nk’icyuma cy’umuziki cyatwa semfoni kirimo kuririmba, cyangwa kirimo gukina ikinamico.

163 Sinzi byinshi kuri semfoni cyangwa ikinamico. Ariko narebaga uyu mukino... Navugaga ku byerekeye *Carmen*, igihe umukobwa wanjye nabo bari bawurimo. Kandi bo—kandi bakinaga muri iyi simfoni, muri *Carmen*. Bari barimo gukina. Umuziki wari—wari—wakinaga ikintu kimwe.

164 Ni ko bimera iyo ubatijwe n’Umwuka Wera, muri Kristo.

165 Noneho, murebe, benshi muri mwe mwasomye cyangwa mwunvise inkuru y’umuhimbyi ukomeye w’Umurusiya uwahimbye *Petero n’Ikirura*. N’uburyo we, babikinira kuri sembali n’ibintu byose. Kandi umuntu wese uzi inkuru, uyisoma ku rupapuro, kandi agashobora no kumva iyo semfoni, uko ikina ibyongibyo, ikinamico, kuyikina, kubera iki, bazi impinduka zose. Bashobora kubirebera *hano*, bakabona impinduka.

166 Ariko, ubungubu, bigenda bite iyo i—niba umuhimbyi yanditse ikintu, dusanga bidakozwe neza gusa? Tumenya noneho ko hari ikintu kibaho. Hari ikintu kibura, iyo tubabonye. We wayihimbye yarayikoze maze arayandika, hanyuma semfoni irayikina, ikubita inota ritari ryo. Hariho ibitagenda neza. Umuyobozi yatanze icyerekezo kitari cyo. Murareba?

167 Kandi icyo ni cyo kibazo uyu muni, bavandimwe banjye b’Abaluteriyani, bavandimwe b’Ababatisita, bavandimwe b’Abapentekote. Bavandimwe banjye mwese muva mu madini yose atandukanye, ni byo. Murareba? Murimo kugerageza gutanga inota ryari ryamamaye mu minsi ya Luther, Wesley, nk’uko, iyo u, mu by’ukuri, Urupapuro rw’umuziki hano rwerekana ko ari undi muni. Murareba? Murareba? Murareba? Ntidushobora kubaho mu mucyo wa Luther; yari umugorizi. Turashimira uru—uruhare rwe, ariko twakiniye hanze. Turi mu nzira *hano* y’inyuma y’igitabo. Murareba? Ntidushobora—ntidushobora kuyikina nka gutya.

168 Noneho, uburyo bwonyine muzajya mubasha kubikoramo, bavandimwe, ni ubu. Kandi bavandimwe b’isi, bo mu bice bitandukanye by’isi, nshobora kuvuga ko, hari inzira imwe gusa kuri ibyo—kugira ngo uwo muyobozi abikore. Agomba kwinjira mu Mwuka umwe Umuhimbyi yari arimo, noneho akabigeraho. Kandi iyo Itorero, Semfoni ubwayo, aho isi ireba ibyo bimenyetso n’ibitangaza; iyo Itorero, hamwe n’Umuhimbyi, n’umuyobozi, bose binjiye mu Mwuka w’Umuhimbyi.

169 Noneho iyo bavuze, “Iminsi y’ibitangaza yararangiyeyi,” ntabwo bikubita inota nyaryo.

¹⁷⁰ Ariko iyo rigeze mu buryo bwiza bwaryo, hamwe n'Umwuka w'ukuri Wayo; ni gute uzabikora kugeza Umwuka umanutse, w'Umuhimbyi? Amina. Noneho iyo uvuze uti: "Iminsi y'ibitangaza ntiyigeze irangira," Semfoni irarangurura iti: "Amina!" Iyo dukubise, tukavuga tuti: "Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose," Semfoni irarangurura iti: "Amina!" "Uzahabwa imbaraga nyuma y'ibi Umwuka Wera akumanukire." Semfoni irangurure iti: "Amina! Nawubonye!" Nta wundi murimo wo gushidikanyanyaho. Semfoni yose igendanye neza n'Ijambo. Igenda. . . [Mwene Data Branham akoma amashyi—Ubwanditsi.] Ni byo. Yoo! Ni ikintu cyiza cyane. Umuyobozi w'indirimo n'Umuhimbyi bagomba kuba mu Mwuka umwe. Kandi rero n'abacuranzi bagomba kuba mu Mwuka umwe, kugira ngo bakore Byose. Kandi isi iribaza uko bigenda.

¹⁷¹ Ubukomunisiti bavuga, buntera kurwara, hamwe no kwishyira hamwe n'ibindi byose, n'ivangura. Yoo, mbabarira! Bene ibyo, ibi byose bidafite umumaro, iyo Kuza k'Umwami kuri hafi, hari ikintu kitagenda neza. Mfite ubwoba ko umuyobozi yabonye. . . Abayobozi bavuye mu Mwuka w'Umuhimbyi.

¹⁷² Iyo tubonye uwo Mwuka w'Umuhimbyi, izo mbaraga z'umwimerere z'Imana aho Bibiliya ivuga ngo: "Abantu ba kera bashimishijwe n'Umwuka Wera kugirango bandike iyi Bibiliya," muzababona impapuro ebyiri z'Inshinwa zizahurizwa hamwe, nk'uko Bibiliya y'Imana n'uwizera bazahura, kuko bombi bari mu Mwuka umwe. Bombi ni ikintu kimwe. Bahurizahamwe neza. icyo dukeneye uyu muni ni abayobozi, ni byo, gusubira ku Ijambo, hanyuma kandi tukaryemera nk'uko Ryavuzwe. Noneho mubona Imana, Yo ubwayo. Ni ukwihishura. Ikinamico yagizwe impamo.

¹⁷³ Uyu muni, baravuga bati "Ni byiza, Ni Imana y'amateka. Turabizi ko yambutse inyanja Itukura. *Ibyo* byose yarabikoze. Kandi Yari mu i—itanura ryaka umuriro, hamwe n'abana b'Abaheburayo." Mbega ukuntu ari Imana y'amateka, si byo, ese si ko Iri uyu muni? Umuntu ahora ahimbaza Imana kubyo yakozwe, agatekereza kubyo azakora, ariko akirengagiza ibyo yakoze. Ibyo ni ibiri muri kamere y'umuntu kubikora. Kandi ni kimwe uyu muni, bavandimwe. Ni kimwe neza neza. Yoo, mbega!

¹⁷⁴ Reka dusubireyo maze tubone gucuranga umuziki mwiza, aho abo kw'isi bashobora kubona. Yesu yaravuze ati: "Ninkurwa kuri iyi si, nzakururira abantu bose kuri Njye." Kandi, "Uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose."

¹⁷⁵ Reka abayobozi babone Umwuka nyawo, hamwe n'abacuranzi ndetse n'Umuhimbyi, byose bizagenda neza. Noneho, nta gushidikanya, icyo gihe tuzasa na We. Abaheburayo

13: 8 haravuga hati: “Uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose.”

¹⁷⁶ Twamenyekanye na We mu Byakozwe n’intumwa 2. Twamenyekanye na bo, hamwe n’umubatizo umwe, ikintu kimwe. icyo Yari cyo cyose n’icyo Ari cyo cyose ubu, icyo Yari cyo cyose n’icyo Ari cyo cyose ubu, ni cyo turi cyo natwe. Ni cyo rwose.

¹⁷⁷ Rero niba nshaka kuba Umunyamerika nyawe, ngomba kumenyekana hamwe n’ikintu cyose yari cyo, ikintu cyose ari cyo. Ngomba kumenyekana na cyo, niba ndi Umunyamerika nyawe.

¹⁷⁸ Niba ndi Umunyamerika nyawe, noneho nakandagiye ku Rutare rwa Plymouth. Amina. Nagezeyo, niba ndi Umunyamerika. Ni ko nawe wabigenje; wakandagiye ku Rutare rwa Plymouth hamwe na ba sogokuruza. Ku Rutare rwa Plymouth, ubwo twageragayo, nari kumwe na bo; ni ko nawe byagenze, abantu bose.

¹⁷⁹ Najyanye na Paul Revere, tumanuka neza mu muhanda, kumuburira ku byerekeye akaga. Ni byo rwose.

¹⁸⁰ Hepfo hano kuri Valley Forge, Nambutse Delaware yuzuye urubura, hamwe n’itsinda ry’abasirikare ba, kimwe cya kabiri cyabo, batambaye inkweto. Nasenganye na George Washington ijoro ryose, mbere yaho. Nambutse Delaware mfite intumbero mu mutima wanjye. Turi Abanyamerika. Yego, mugenzi. Kuri Valley Forge, rwose narabikoze.

¹⁸¹ Natuye amashimwe hamwe na ba sogokuru ba mbere batanze Amashimwe. Natuye Imana amashimwe. Niba ndi Umunyamerika nyawe, namenyekanye hariya ubwo twari ku meza.

¹⁸² Niba ndi Umunyamerika nyawe, namenyekanye igihe nahagararanye na Stonewall Jackson.

¹⁸³ Niba ndi Umunyamerika nyawe, namenyekanye mu Birori by’Icyayi cya Boston, yego, mugenzi, mu gihe twangaga ko badushyiramo ibintu bidukurumo amaso. Ni byiza, Ndi Umunyamerika nyawe. Namenyekanye ahongaho. Ni byo, mugenzi. Yoo, mbega!

¹⁸⁴ Navugije inzogera ya Liberty Bell, ku ya 4 Nyakanga, 1776. Navugije inzogera ya Liberty Bell hano ntangaza ko twigenga. Kugira ngo mbe Umunyamerika nyawe, nagombaga kubikora.

¹⁸⁵ Namenyekanye n’isoni ze mu Mpinduramatwara, igihe mwene Data yarwanaga. Nagombaga kwihanganira isoni ze, nk’uko ngomba kumwubaha. Niba ndi Umunyamerika, ni ko ngomba kuba. Nari kumwe na we. Ni byo, mugenzi.

¹⁸⁶ Namenyekanye i Gettysburg hepfo hariya, igihe Lincoln yavugaga imbwirwaruhame. Yego, mugenzi.

¹⁸⁷ Nari ku Kirwa cya Wake, hejuru yabo hari umurambo w'abasirikare wuzuye amaraso. Nahingukiye ku Kirwa cya Wake.

Kuri Guam, nafashije mu kuzamura iryo bendera.

¹⁸⁸ Ndi Umunyamerika nyawe. Amina. Ibyo ari byo byose, Ndiho, kandi ndabyishimiye. Yego rwose. Amerika yose ni ko yari imeze, ibyo ari byo byose, ndacyari we, kuba Umunyamerika. Ibintu byose yari byo, ngomba kuba byo, kuko nasanishijwe na we.

¹⁸⁹ Ikintu kimwe, ni ukuba Umukristo nyawe, ugomba gusanishwa nabyo.

¹⁹⁰ Nabwirije hamwe na Mose, kandi intambara-. . .cyangwa hamwe na Nowa, maze baburiye abaturage kubw'urubanza ruri hafi; kuba Umukristo nyawe.

¹⁹¹ Nari kumwe na Mose ku gihuru cyaka umuriro, mbona Inkingi y'Umuriro, Nabonye icyubahiro Cyayo, nari kumwe na Mose hariya mu butayu. Kuba Umukristo, Ngomba kumenyekana mu bintu byose Imana yari byo, kugira ngo mbe Umukristo. Nabonye icyubahiro Cyayo, numvise Ijwi Ryayo. Ntugerageze kuncecekesha nonaha, kuko nari mpari, Nzi ibyo mvuga, Nabonye uko byagenze. Yego mugenzi.

¹⁹² Nari ku nyanja Itukura, mbona Umwuka w'Imana umanuka ugabanya amazi ajya ku ruhande rumwe; bitanyuze mu gahuru k'urufunzo, ko bagerageza kuvuga uyu muni, ariko banyuze mu nyanja nk'iya metero mirongo cyenda. Nabonye Umwuka w'Imana. Najyanye na Mose muri ubwo butaka bwumutse, hakurya y'inyanja Itukura.

¹⁹³ Nahagaze ku musozi wa Sinayi mbona inkuba n'imirabyo bikubita. Nasangiye Manu hamwe n'abo hanze aho. Nanywereye kuri rwa Rutare. Ndacyabikora iri joro. Nisanishije n'abarya Manu. Nisanishije n'abanywera ku Rutare.

¹⁹⁴ Namenyekanye kandi igihe Yosuwa yavuzaga impanda, inkuta za Yeriko zikariduka.

Nari mu rwobo rw'intare hamwe na Daniel.

Nari mu itanura ryaka hamwe n'abana b'Abaheburayo.

Nari ku musozi . . .hamwe na Eliya ku musozi wa Karumeli.

¹⁹⁵ Nari kumwe na Yohana Umubatiza, kandi nari imbere yabo banegura. Nabonye Umwuka w'Imana amanuka. Numvise Ijwi ry'Imana rivuga ngo "Uyu ni Umwana wanjye nkunda muri We ni ho nishimiye kuba." Yego Mugenzi. Nzi neza ko namenyekanye na we. Ni byo rwose.

¹⁹⁶ Namenyekanye aho ku mva ya Lazaro, igihe yazuraga Lazaro. Namenyekanye, na wa mugore ku iriba, igihe yamubwiraga ibyaha bye. Yego mugenzi.

¹⁹⁷ Ni ukuri namenyekanye na We mu rupfu Rwe. Kandi namenyekanye kuri Pasika yambere. Nazukanye na We mu rupfu. Namenyekanye na We mu rupfu Rwe.

¹⁹⁸ Nari kumwe na babandi ijana na makumyabiri, bari bateraniye mu cyumba cyo hejuru. Namenyekanye hariya hamwe nabo. Hey! Njye—Njye numva nejejwe n’Imana. Yoo, mbega! Namenyekanye aho. Ndi umwe muri bo. Naramenyekanye. Nagize uburambe nk’ubwo bafite. Nari mpari igihe byabaga, kuba Umukristo nyawe. Nabonye Umuyaga ukomeye wihuta uza. Narabyiboneye. Numvise imbaraga z’Imana uko Zinyeganyega. Nari kumwe nabo bavuga indimi. Numvise amavuta yinjiraye. Nari kumwe na bo. Namenyekanye nabo mu gihe Umwuka Wera atangiye kuvuga mu ndimi, hamwe nabo.

¹⁹⁹ Nari kumwe na Petero, imbere y’abanenga Ibyakozwe 2, igihe yabwirizaga ikibwiriza gikomeye yakoze. Nari kumwe na we. Yego Mugenzi.

²⁰⁰ Mu Byakozwe n’intumwa igice cya 4, igihe bateraniraga hamwe, nari kumwe nabo igihe inyubako yatigitaga. Nyuma y’amateraniro y’amasengesho, inyubako iranyeganyega aho bari bicaye. Namenyekanye aho ngaho hamwe na bo.

Nabwirije hamwe na Pawulo ku Musozi wa Mars. Yego mugenzi.

²⁰¹ Nari kumwe na Yohana ku Kirwa cya Patimo, mbona Ukuza Kwe kwa kabiri.

Nari kumwe na Luteri mu ivugurura.

²⁰² Nari kumwe na Wesley, bya birimi by’umuriro; bisohoka mu muriro, ubwo habagaho kwigomeka gukomeye kurwanya itorero rya Anglican. Nari kumwe na we.

²⁰³ Kandi hano ndi iri joro, 1964, i Philadelphia, muri Pennsylvania, namenyekanye hamwe na rya tsinda rimwe, hamwe n’ubwoko bumwe bw’uburambe. Ngomba kuba, kuba Umukristo. Ngomba kuguma kumenyekana aho Ijambo ry’Imana rigaragarira. Namenyekanye n’itsinda ryumva Umwuka w’Imana.

²⁰⁴ Namenyekanye ni’tsinda rizi ko We yahishuwe, ibyo bimenyekane ko uko Yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’ibihe byose, bimenyekane ko Ibi atari ugufana. “Ni Yesu Kristo uko yari ejo, ni ko ari uyu muni, kandi ni ko azahora n’iteka ryose.” nimenyekanishije hamwe n’iri tsinda, iri joro. Nyamara, bitwa agatsiko k’abahakanyi, nanone ngo agatsiko k’abafana, kubera Ijambo ry’Imana. Ariko, “Ntabwo nterwa isoni n’Ivanjili ya Yesu Kristo, kuko Ni imbaraga z’Imana ku gakiza,” kandi ndi wawundi. Ndi kumwe nabo inzandiko nzima navuze, kurenganurwa, Imana yitwikiriye mu miterere y’abantu, mu bagabo n’abagore. Yoo!

205 Imana muri *guhindagurika* Kwayo yongeye kwigaragaza Yo ubwayo, kandi Yo ubwayo yimenyekanisha ku bwoko Bwayo. Umwami ukomeye Washyize ku ruhande icyubahiro Cyé. “Nyamara ni igihe gito ab’isi ntibongere kumbona ukundi. Nzaba ntwikiriye kuri bo. Ariko mwebwe muzambona, kuko nzaba ndi kumwe namwe, ndetse no muri mwe, kugeza ku irimbuka ry’isi, guhinduka kuva kuri Luther ujya kuri Wesley, no kuva mu Bwiza ujya mu bundi Bwiza. Ndacyari Imana imwe yabayeho, kandi ndimo gusubira mu Cyubahiro cya mbere.” Haleluya!

206 Yahagaraitse uguhishurirwa kw’amadini yose, buri jwi ry’inzitizi ryose. Iryo jwi rivugaga ngo: “Yoo, ibyo ni ubufana,” Yarabihagaritse byose muri ibyo. Ijwi riturutse aho, yaravuze ati: “Yoo, abantu ni abasazi,” Yabihagaritse inyuze muri icyo gitwikirizo. Yego, Yarabikoze. “Oh, ntushobora kubikora. Nta kindi uri cyo uretse itsinda ry’abafana.” Yabihagaritse inyuze ahongaho. “Oya ikintu nko gukiza kw’Imana.” Yavunitse neza muri ibyo, yewe, mbega, kuko Ijambo Ryayo Ryavuze ko Izabikora. Ntushobora gutsinda Ijambo ry’Imana.

207 Nuko ahagarara aho, nyamara, iri joro, ni Umuneshi Ukomeye, kubera ko Yahagaritse Umumetodisite, Umubatisita, Umuperesibiteriyeni, n’ubundi bwoko bwose bw’ibitwikirizo. Iracyahagaze mu bantu Bayo, iri joro, ntitsindwa n’imigenzo. Reka abantu bavuge icyo bashaka, bakore icyo bashaka, icyo bashaka cyose. Imana iraza, ikanyura muri izo nzitizi zumvikana.

208 Kandi mwibuke, barambwira, iyo indege ihagaritse rwose ayo majwi y’inzitizi, nta gihagarika umuvuduko wayo.

209 Ndababwira, iyo murenze kuri bariyeri gakondo, ngo: “Yesu aracyari kure, kandi ntabwo Ari uw’ubu,” iyo mubonye ko ari wawundi ejo, n’uyu muni n’iteka ryose, nta herezo kubyo Imana yashoboraga gukora hano muri aya masezerano, no kwereka iyi si ibyo bakeneye: ntabwo ari imurikagurisha ry’isi, ahubwo ni ububutse bw’isi buzuzuzwa bukanabatizwa no Kugaragara kw’Imana nzima, *utagaragara* yigaragaza mu mubiri w’abantu. Haleluya! Ndabyizera.

210 Guhagarika inzitizi zose, igitwikirizo cyose, igitwikirizo cyose! Nta kintu na kimwe cyashoboraga guhisha Ukugaragara Kwayo. Iyo abantu bashonje mu mitima yabo, hari umwenda witeguye gutanyuka. Ushobora gushingira kuri ibyo. Gutira igitwikirizo icyo ari cyo cyose, kubw’Umwuka Wera Wayo Wera!

211 Kandi hano ni ho Ahagaze, iri joro, Umuneshi Ukomeye, uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose; gukiza abarwayi, kubatiza abizera, nk’uko Yahoraga abikora. Ni Umuneshi Ukomeye. Amadayimoni yo kurimbuka arahunga. Ni byo, mugenzi. Buri gihe aba ahari, iyo We ari hafi.

212 Dusoza, nshobora kuvuga ibi. Hariho i...Nsoma inkuru, imyaka myinshi ishize, ku byerekeye gucuranga inanga. Hariho umwirongi ushaje bari bagiye kugurisha. Mwumvise iyi nkuru, inshuro nyinshi. Kandi bashakaga kuyigurisha kubw'ikintu runaka. Ushinzwe cyamunara aravuga ati: "Ni inde uza kumpa *ibi n'ibi*?" Ntekereza ko bamuhaye ibiceri bike, wenda amafaranga mirongo itanu, cyangwa ikindi kintu nk'icyo. "Inshuro imwe cyangwa ebyiri,..."

213 Mu buryo butaziguye, umugabo yazamuye inyuma. Aravuga ati: "Umunota umwe." Aragenda, arayifata. Reka dutekereze ko yacuranze ibi:

Hari Isoko yuzuye Amaraso,
Yaturutse mu mitsi ya Emanweli,
Ubwo abanyabyaha bagwaga munsu
y'umwuzure,
Bakuweho amakosa yabo yose.

214 Noneho igihe yayishyiraga hasi, nta jisho na rimwe ritatembagamo amarira mu cyumba. Maze aravuga ati: "Ni nde wakwishyura?"

215 Umwe yaravuze ati: "Ibihumbi bitanu." "Ibihumbi icumi." Cyari igiciro gito. Kubera iki? Uwiteka u—umucuranzi w'inanga yari yerekanye ubuziranenge bwayo.

216 Yoo, mwene Data, mushiki wanjye, reka Umwigisha w'iri Jambo, Waryanditse, Umwuka Wera ukomeye, azamure umuheto we w'urukundo, maze awuboneze mu mitima yanyu.

Hari Isoko yuzuye Amaraso,
Yaturutse mu mitsi ya Emanweli.

217 Muzabona agaciro kuzuye, hanyuma mubone Imana yitamuruye iza ahagaragara. Ibyo, Aracyari wawundi nk'uko Yari ameze igihe Yamanukaga ku Munsi wa Pentekote, ku bantu, igihe We *kenosis'ed* Ubwe, "yipakuruye" muri Yo. Ibyo ni byo.

218 Muravuga muti: "Mwene Data Branham, Nagerageje. Nagerageje. Nakoze *ibi, biriya, n'ibindi*."

219 Umunsi umwe, nagize inama i Carlsbad, muri New Mexico. Twamanutse muri iyi ndiri nini ishaje yo hepfo hariya. Kandi byari ubwoko bugaragara neza, twamanutse hariya. Kandi u—umugabo, amaze kumanuka hepfo hariya, we—we yazimije amatara. Kandi, yewe, mbega, ushobora kwiyumvisha ukuntu hari umwijima. Ni byiza...Hari hijimye cyane washobora kubyumva.

220 Kandi ibyo ni bijyanye gusa n'uburyo ibihe bigenda, iyo tubonye itorero ryananiwe kumenya Ijambo ry'Imana; iyo mubonye abakobwa bacu ba Siyoni bakora uko bakora; iyo ubonye abavandimwe bacu banywa itabi n'ibinyobwa, kandi ba—bakavuga urwenya rwanduye n'ibindi, kandi bagakomeza

kugerageza kwatura muri Kristo. Yoo, mbega, ni umwijima. Ni umwijima ukabije.

221 Tubona ikimenyetso cyo kuza kwe. Hazabaho... Buri gihe ni umwijima mbere y'umunsi nyirizina. Noneho Inyenyeri ya mu Ruturuturu irazinduka kugirango ihuze umunsi, iwumenyekanishe, kandi yerekane ko waje. Kumenyesha.

222 Hano, iyo bazimije ibyo, hari umukobwa muto uhita avuza induru arangurura ijwi rye. Hariho umuhungu muto uhagaze ku umuyobora, abona uwo muyobora igihe yazimyaga amatara gutya. Kandi uriya mudamu muto yari hafi kugira ubuzima bwiza. Yari arimo gutaka, asimbuka hejuru-no-hasi. "Yoo! Byaje kugenda bite nyuma? Ikibazo ni ikihe? Ikibazo ni ikihe?"

223 Uzi icyo yasubije? Yaravuze ati: "Ntutinye, mushiki wanjye muto. Hano hari umugabo ushobora gucana amatara."

224 Umva, mushiki wanjye muto, ushobora gutekereza ko turi bato kandi turi bake. Ariko, ntutinye. Hano hari Umugabo Ushobora gucana Amatara. Uwo ni Umwuka Wera. Urabyizera?

225 Reka twunamisha imitwe yacu akanya gato. Mbabajwe no kuba nabakereje.

226 Mana ikomeye yo mw'Ijuru, itwikurure Wowe ubwawe, itamurure Wowe ubwawe, wigaragaze Wowe ubwawe, Umwami ukomeye w'Icyubahiro, fata utuntu duto duto, iri joro, ureke tugwe mu mitima y'abantu. Reka tubone Uwo witwikuruye, Umwe Wamanutse agatira igitwikirizo cy'urusengero; hanyuma agahita asohoka muri urwo rusika, akongera akamanuka mu gitwikirizo cy'abantu, ku Munsi wa Pentekote; uwakomeje kuba umwe, aguhinduka akava mu Bwiza akujya mu bundi Bwiza.

227 Noneho ubu twasubiye inyuma nk'ibindi biremwa byose, dukora, dusubira ku Mbuto y'umwimerere, uhereye mu gihe cy'itorero rimwe kugeza ku rindi. Kandi muri iki gihe cya nyuma hano, hano turi, dusubiye mu bintu by'umwimerere byaguye ku Munsi wa Pentekote, kugirango bisohoze Ibyanditswe Byera, "Umucyo wo ku mugoroba," kandi, "Imirimo nkora namwe muzayikora," n'ibintu byinshi Wasezeraniye mw'Ijambo Ryawe.

228 Data, niba hano hari umwe utarigeze aca muri urwo rusika, cyangwa niba hano hari umuntu wanyuze mu rusika, mugirire ubuntu muri iri joro, Data. Nibabone ko Uri Umuneshi Ukomeye uhagaze hano, wuzuye ubuntu n'imbaraga, ndetse no kubabarira. Byemere, Data.

229 Kandi mu gihe imitwe yacu yunamye, hano hari imitwe imwe yunamishijwe? ni ingahe, nshobora kuvuga, "Mwene Data Branham, nzamuye ikiganza cyanjye. Munsengere"? Mukomeze mwubike imitwe yanyu, kandi muzamure uibiganza, "Ndashaka guca muri buri rusika, kugeza igihe mboneye rwose Umuneshi." Imana iguhe umugisha. Mbega, ku kiganza! Hejuru ku rubaraza, iburyo? Imana iguhe umugisha. Urubaraza w'inyuma?

Muzamure... Imana ibahe umugisha. Mube inyangamugayo. Ibumoso? Muzamure ibiganza byanyu, muvuge muti: “Mwene Data Branham, nshobora kuba narabaye Umukristo imyaka myinshi, ariko, muby’ukuri, ntabwo nigeze nyura muri urwo rusika. Mu by’ukuri sinigeze mbikora. Ntabwo ndabona Ibyo bari bafite icyo gihe.” Uyu muni, twabonye... “Ndi igihingwa cy’ubushuhe.”

²³⁰ Fata ururabo wahumbitse mu buhumbikiro, rugomba kubyara, gufumbirwa, kuvomererwa. Ariko kiriya gihingwa cy’umwimerere gikurira hariya mu butayu, ubwoko bumwe bw’ururabyo, burasa nacyo; ntabwo rubona amazi na make, ariko nta makosa arugeraho. Birakomeye. Ni ukuri.

²³¹ Ntushobora kugereranya Ubukristo, Ubukristo bw’uyu muni, n’ubwabayeho icyo gihe? Ntushobora kwiyumvisha ukuntu iri tsinda, abo twita Abakristu muri iki gihe, kw’isi yose, bamera nk’abo bari inyuma ya Pentekote; barabyaye kandi barahendahenda, kandi bava mu itorero rimwe bajya mu rindi, bavuga ikintu udakunda, uguhaguruka ukigendera? Kandi, yewe, ushobora kubiyumvisha? Oya. Ikibazo ni ikihe? Ni imyororokere.

²³² Michelangelo, wahanze ikibumbano cya Mose, ushobora kubona ikiganano cyacyo, gihendutse cyane. Ariko, by’umwimerere?

²³³ Uwashushanyije Ifunguro Ryera, Ndukeka ko gushushanya k’umwimerere byinjiza miliyoni y’amadorari, niba ushobora no kukigura. Ntabwo nzi n’aho bigeze. Ariko ushobora kugura ikiganano cyacyo gihendutse ku madorari hafi mirongo cyenda n’umunani. Wabishobora.

²³⁴ Kandi uko ni ko bimeze muri iki gihe. Umukristo uhendutse, gukora gusa, ikiganano cy’umusangiro w’itorero, ushobora kubigura angana nay’isegeti cyangwa i—cyangwa ikinyobwa gisanze. Cyangwa, ku mugore ufite imisatsi yakaswe cyangwa iminwa isize amarangi, ushobora kumugura ku kintu icyo ari cyo cyose mu myambarire y’isi. Ariko ntushobora gukora kuri kiriya gitunganye.

²³⁵ Ndamubona mu buryo bwuzuye, uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose.

²³⁶ Yoo, Mukristo, ntushaka kuba Umukristo nyawe? Niba hari abatazamuye ibiganza, muraza kubikora, mu gihe ndi—Ngiye gusenga gusa? Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Oh, ni byiza cyane. Byitegereze gato.

²³⁷ Data wo mu Ijuru, “Ijambo Ryawe ntirizagenda ubusa.” Ni Wowe watanze isezerano. Nshinzwe gusa kuvuga ko Wabivuze. Ndimu gusubiramo Amagambo Yawe gusa. Muravuga muti: “Uwumva Ijambo ryanjye, kandi akizera Uwantumye afite Ubugingo Buhoraho.” Warabisezeranije.

²³⁸ Kandi, Mwami, tuzi ko dufite ibyiganano uyu muni, benshi bavuga ko bizera, mu gihe, batizera. Biragaragara. Ariko, Mwami, hariho bimwe by'ukuri, nabyo.

²³⁹ Ndagusabye ngo Ubitange gusa, hano, iri joro, kugira ngo umugabo n'umugore, umuhungu cyangwa umukobwa, uko bari kose, ibara ryabo, iryo torero barimo, Mana, ubuzuze. Nibabone kwigaragaza nyako k'uyu Yesu muri iki gihe, uri muri twe, nk'uko Yari ahari ku muni wa Pentekote, igihe yihishuraga We ubwe kuri iki gisekuruza, ari Umwuka Wera. Bitange, babone Amagambo yuzuzwa, ubuhanuzi busohora!

²⁴⁰ Turagereranya, uyu muni, n'icyo bita itorero ry'isi hariya, Inama y'Isi Mpuzamatorero, kandi tukagereranya ibyo n'amasezerano yo kuri Pentekote? Ntibigereranywa, rwose. Ntidushobora kumesera imyenda yacu yanduye kuri iyo tike.

²⁴¹ Ariko, Mwami Mana, niba tuzagaruka kuri iyo Soko, hariho gahunda yo gusukura, noneho uburambe bwacu n'Ijambo ry'Imana bizahuza. Noneho, tubashe gusaba ibyacu. Byemere, Mwami, iri joro, nk'uko neguriye aba bantu mu biganza byawe. Ha buri wese, icyo akeneye, Data. Tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

²⁴² Imana ibahe umugisha. Mwakoze cyane, kuba mwahageze, mukihangana igihe kirekire. Kandi mumbabarire nabagumanye kugeza ku minota icumi nyuma ya saa yine. Imana ibane namwe kugeza igihe tuza kongera kubonana mu gitondo. Nshubije Umurimo nonaha, ndakeka, ku muyobozi wa gahunda. 

64-0629 Imana Ikomeye Ihishuye Imbere yacu
Hoteri yitwa Bellevue-Stratford
Filadelifiya, Penisirivaniya Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org